

URUBYARO RW'INZOKA

 Mana nziza, Mana ikomeye kandi ishobora byose, yaremye ibintu byose kubw'imbaraga z'Umwuka Wayo, kandi yazanye Yesu Kristo, Umwana Wayo w'ikinege, wadupfiriye twe abanyabyaha, Mu by'ukuri azira ubusa, kugira ngo aduhuze muri ubu bumwe twongeye kugirana n'Imana, nk'uko twigishijwe mw'Ijambo rihire, ko twasangiye na We mbere y'uko isi iremwa: "Ubwo inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe, n'abana b'Imana basakuza bishimye, neza neza mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro." Tubwirwa n'iki ko ibyo bitabereye rimwe n'igihe umwana w'Intama yiciwe; ko igihe Imana, mu bitekerezo Byayo bikomeye, yatubonye dusakuza kandi twishimira agakiza kacu binyuze muri Yesu?

² Kandi, iri joro, turimo kubona gusa umusogongerwa w'ubwo bwiza buhebuje buva ku Mana kandi buzahishurwa mu gihe cyo kugaruka Kwe kwa kabiri. Indwara zose n'imibabaro bizakurwaho. Noneho tuzagira umubiri umeze nk'umubiri We Bwite w'icyubahiro, kuko tuzamubona uko Ari. Hano iyo tubona ibiganza byacu byumagara, umusatsi wacu uhinduka imvi, n'ibitugu bihetama, tumenya neza ko turi abantu buntu kandi twerekeje ku mukungugu ari ho imitwe yacu yunamye yerekeza ubu, ni naho twavuye. Ariko, Mwami Mana, nk'uko bizwi neza ko Uri Imana, Wadusezeranyije ko tuzongera kuzuka mu minsi y'imperuka, kandi turabyizera.

³ Turahiye duhagaze hamwe no kwizera kwacu iri joro imbere Yawe, tuza dufite ubutwari kuko Yesu yadusabye kubikora. Ntabwo ari kubw'ikintu cyose cyiza twakoze, kuko ntacyo twakoze neza; ahubwo tuza twicishije bugufi, tuvuga ko dufite ubwo butunzi kubera ubuntu Bwawe twagiriwe. Kubw'ibyo, tuje dusaba ko Uduha umugisha muri iri joro mu kuzana Ijambo. Kubera ko byanditswe ngo, "Umuntu ntashobora kubaho atunzwe n'umugati gusa ahubwo azakurikiza Ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana." Reka akanwa k'Imana kavuge muri iri joro. Reka amagambo asohoke, kandi Byinjire mu mitima yacu, abumva, kandi twuzuzwe n'Umwuka Wawe no kubaho Kwawe. Kubera ko tubisabye mw'Izina rya Yesu. Amina.

⁴ Kuri—uyu munsu n'ejo, mu ijoro ryakeye, ahubwo, n'uyu munsu, twagiye tuvuga kuri iyi ngingo, icyambere, kubwo gutangira, *Ni kuki Tutari Idini*. Kandi twabisobanuye neza mu buryo bwumvikana, impamvu tutari idini, n'impamvu tutizera amadini. Kubera ko, dusanga muri Bibiliya, amadini atarigeze ashirwaho n'Imana; yashyizweho na satani; kandi byagaragajwe na Bibiliya. Maze byerekana ko, ibinyuze mu madini, bizana amakosa. Noneho turavuga ibi kugira ngo dukosore kandi tuzane uru rusengero mu busabane hafi y'Ijambo

ry’Imana rihire. Ibyo, ibyiringiro byacu ntabwo byubakiye mu byo iryo dini rivuga, cyangwa ibyo umuntu uwo ari we wese avuga; byubakiye ku byo Umwami Imana yavuze. Kandi ni yo nzira yonyine dushobora gukosorerwamo neza.

⁵ Kandi muri iki gitondo, nari mfite ingingo eshanu, nizera ko zitandukanye zatangajwe n’idini, ibyo rwose ntabwo bivugwa muri Bibiliya, ko amatorero y’Abaprotestanti yaguye, no kwigisha kubw’inyigisho: ikintu kimwe na nyina wa malaya ushaje, kiliziya Gatolika yigisha, kandi ndagera ku itorero ry’Abaporotesitanti. Kandi twunamira ikintu kinyuranye n’Ijambo ry’Imana.

⁶ Itorero rya mbere ry’amadini, twarebye kuri iki gicamunsi mu mateka ya ba se b’i Nikeya, y’itorero ry’i Nikeya. Ku rupfu rw’intumwa, aho hahise haza abapadiri b’i Nikeya, bagakomeza imyaka myinshi. Mu myaka ya za magana atatu na makumyabiri n’itanu, amaherezo byaje kugera i—i Nikeya, mu Bufaransa, ahabereye i—inama ikomeye y’i Nikeya. Kandi aho ni ho bashingiye iyo mihango kiliziya Gatolika ifite ubu, kandi ni nayo ihabwa Abaporotesitanti.

⁷ Kandi nk’uko nabivuze—mu nyigisho muri iki gitondo, “Buri gisekuruza cy’itorero, kugeza kuri icyo—kuri icyo gisekuruza cy’itorero rya Tesalonike, imyaka igihumbi na magana atanu yari imyaka y’umwijima, nta gihe na kimwe yigeze avuga ati: ‘Uracyafite Izina Ryanjye.’”

⁸ Kandi ku rundi ruhande, ntibari bakiri muri Kristo, bari basohotse mw’izina ry’idini, “Gatolika, Luther, Wesley, Ababatisita, Peresibiteriyeni, Pentekote,” n’ayandi.

⁹ Ariko mbere gato y’imperuka y’ibihe, Yaravuze ati: “Nshyize imbere yawe umuryango ufunguye.” Murareba? Kandi iyo ni yo myaka twizera ko turimo muri iki gihe, igisekuruza cy’umuryango ufunguye, hagati yo gusohoka kwa nyuma kw’itorero rya Laodikiya.

¹⁰ Kandi ni ibyo bimaze imyaka magana atatu na makumyabiri n’itanu mu nama ya Laodikiya. Kandi aho ngaho ni ho bahisemo ubwo buryo nko kuminjagira, gusuka, n’umubatizo w’ibinyoma, umwuka wera w’ibinyoma, ibyo bintu byose. Barabyemeje.

¹¹ Hanyuma, igihe Luther, yari umupadiri, akava muri kiliziya Gatolika, yazanye ibyo bintu. Kandi havuyemo Zwingli, muri Zwingli havamo Calvin, muri Calvin havamo Wesley, yewe, barakomeza. Kandi bakomeza gusa kuzana iyo mihango n’ibindi. None se ni gute Imana ishobora kuyobora Itorero Ryayo, mu gihe bakurikira inzira itigeze ibasohora ngo ibayobore?

¹² Kandi mwibuke, mu Byahishuwe 17, twasanzemo “umugore.” Ubu aya magambo arasobanutse. Byanditswe muri Bibiliya, ndakeka rero ko nshobora kubivuga. Yavuze ko uyu mugore yari: “indaya.” Ibyo bivuze ko yari umugore uzwi cyane; ko yagombaga kurongorwa n’umugabo, maze agasambana n’isi.

Kandi yari afite...Yari “NYINA WA BA MALAYA,” Ni yo mpamvu yari afite abakobwa. Kandi ibyo twashushanyije mu buryo bugaragara, kuba muri...Kandi ngaho, njye ubwanjye, kubibona mu Byanditswe Byera, nkabona inyigisho ze n'ibintu byose, nizera ko Umwami yabishyize ku murongo neza, ko ibyo nta kindi gishobora kuba cyo uretse kiliziya Gatolika. Ni cyo bishobora kuba cyo. Kandi yabyaye iki? Amatorero y'Abaporotesitanti. Ni byo rwose.

¹³ Afite mu ntoki igikombe cya divayi y'ubusambanyi bwe, abiha abami b'isi. Kandi yari umutware w'isi yose, avuga mu mwuka. Kandi ni byo rwose. Nta wundi...

¹⁴ Murareba, reka, dushobora gusubira kuri Daniyeli tukabona icyo gishushanyo. Nimurebe igishushanyo: umutwe wa zahabu, ubwami bwa Babiloni; umuringa...cyangwa ifeza, Abamedi-cyangwa-Abaperesi; umuringa, Alegizanteri Mukuru, n'ibindi, ubwami bw'Abagereki; noneho ubwami bw'Abaroma, Uburasirazuba n'Ubuengerazuba bwa Roma, ibirenge byombi.

¹⁵ Kandi ikitonderwa muri ubwo bwami icumi, buzanye neza n'ayo mahembe icumi twavugaga muri iki gitondo, muri buri bwami bwo muri ubwo bwami icumi bwagombaga guhaguruka, hari icyuma n'ibumba bivanze hamwe. Kandi icyo cyuma gihera ku maguru, ni cyo Roma. Kandi hariho umurongo w'Uburomani buvanze mu bihugu byose biri muni y'Ijuru, binyuze muri kiliziya Gatolika. Ni byo rwose. Kandi ntibari kuvanga, ahantu aho ari ho hose.

¹⁶ Kandi bari gushyingiranwa, hagati yabo. Bibiliya yavuze ko bazabikora. Kandi nimurebe uyu muni. Umuhungu wawe ajyana n'umukobwa w'Umunyagatolika; iyo bagiye kurushinga, bagomba gusezerana kurera abana babo Gatolika; murebe, kimwe muri ibyo. Murareba, ni uguseny a imbaraga z'undi.

¹⁷ Ariko se ni ibiki? Bibiliya ivuga ko ibyo bintu byose ari ibya maraya. Ubu noneho urabigenza ute? Ni byo. Ni ukuntu ibyaha by'abantu bizahanwa...Twasubiye mu Gutegeka kwa kabiri, twerekana ko umwana utemewe, umwana utari uw'isezerano, atashoboraga no kwinjira mu iteraniro ry'Uwiteka kugeza ku bisekuru cumi na bine. Ibyo byagengwaga n'amategeko. Kandi Kristo aje gukomeza amategeko. Noneho se ibyo ni ubugira kangahe?

¹⁸ Mbese bibagendekera bite, bigenda bite kuri izo ndaya zo ku muhanda uyu muni, aba bagore bato banywa itabi, kandi bambaye imyenda migufi, bakase umusatsi, n'ibindi n'ibindi? Ikibazo ni ikihe? Ni uko nyina na we yabikoraga atyo. Ni ugusurana, gukiranirwa, kuva ku gisekuru kugera ku kindi. Ni byo. Twabonye iki? Twageze ahantu, gusa tubona ko nta kindi gihari uretse ihuriro ry'icyaha n'ikibi.

¹⁹ Ni nayo mpamvu Imana yazamuye Uburusiya, hariya, hamwe na bombe atomike yo kumukuraho, nk'uko umwuzure

wa antediluviya wari umeze, igihe We yazamukaga mu bicu. Ni ukuri We yarazamutse. Kandi Bibiliya irabivuga. Uburusiya, igihugu kitemera Imana ni ko kimeze, nticyemera Imana, cyakiniye rwose mu maboko y'Imana Ishobora byose. Nk'uko Umwami Nebukadinezari yagombaga kurimbura Isiraheli kuko bananiwe kugendana n'Imana, Uburusiya buri kuzamuka kugeza ku "guhorerera abera," ba kiliziya Gatolika, n'amaraso yamennye y'abera. Bibiliya yarabivuze. Bugiye gufata ibintu byose.

²⁰ Murebe hano rero, niba nyina yari umukobwa uririramba muri korari, na nyirakuru, na nyina yari umuririrumbyi, aba iki uyu muni? Imbyino zibyinwa bazunguruka bambaye ubusa. Abana be bagiye kuba ibiki?

Kandi muravuga uti: "Imana irabikora?" Yego mugenzi.

²¹ Imana ihora gukiranirwa kw'abana, ibisekuruza, ndetse kugeza ku bisekuruza cumi na bine. Niba kandi Kristo yaraje kubikomeza, twavuga rero ko: "Ibisekuruza ijana, cyangwa ibisekuruza magana atanu." Kubera iki, Yaravuze iti: "Abo ba kera, mwigeze mwumva babwirwa ngo, 'Ntukice.' Ndavuga nti: 'Wowe, uhora urakariye murumuna wawe, nta mpamvu, wamaze kumwica.' Wigeze wumva bavuga, abo mu bihe byashize, ngo: 'Ntuzasambane.' Ariko ndavuga ngo ureba umugore akamwifuza, aba yamazye gusambana na we." Yarabikoze... *Gukuzwa* ni iki? "Ni ugutubura inshuro nyinshi." Niba kandi mu mategeko byari ibisekuruza cumi na bine, bizatwara igihe kingana iki muri iki gihe?

²² Kandi abasore, n'abagabo bo mu kigero cyo hagati, n'abagabo bubatse ntibacyubaha isezzerano ry'ugushyingirwa kwabo. Kubera iki, bafata abagore gusa bakabana nabo ahantu hose, nk'imbwa zisanze. Imbwa ifite icyubahiro cyiza n'imico myiza kuruta abantu bamwe. Kandi nzi ko ibyo bikomeye, ariko ni byo.

²³ Kubera iki? Kandi amatorero agenda neza ntacyo abivugaho. Kubera iki? Bakora nk'uko nyina abikora. Amatorero nayo afata uwo murage. Kubera ko, itorero kandi iri itorero ry'Abaporotesitanti riva kuri kiliziya Gatolika, ibyaha bya kiliziya Gatolika bishyirwa ku Baporotestanti. Mu by'ukuri, ni ko bimeze, kubw'ibyo inkono ntishobora kubwira isafuriya ngo ufite "umwanda." Ni ukuri.

²⁴ Noneho turabimenye, kandi mu Byanditswe byera, twabonye ko... Kandi sinigeze mbona inyandiko ku meza hano iri joro. Ndavuga nti: "Nimunyereke ahantu hamwe Imana yigeze ishyiraho idini. Nimunyereke ahantu hamwe Imana yigeze ishyiraho umubwiriza w'umugore. Nimunyereke ahantu hamwe Imana yigeze itegeka gusuka amazi ku gahanga. Nimunyereke ahantu hamwe Imana yigeze itegeka kuminjagira. Nimunyereke ahantu hamwe Imana yigeze ituma umuntu kubatizwa mw'izina

rya 'Data, Mwana, Umwuka Wera. 'Mushakishe ibyo bintu." Kandi nyamara duhora tubikora. Biri neza mw'itorero.

²⁵ Noneho, nababwiye nti: "Uburyo, cyangwa, impamvu tudashobora kuba Ababatisita, ni ukubera ko twemera ko babatizwa mw'Izina ry'Umwami Yesu Kristo. Nta muntu n'umwe wigeze abaho, muri Bibiliya, wabatijwe mu bundi buryo. Mwanyereka ahantu hamwe umuntu umwe yabaturijwe mw'izina rya 'Data, Umwana, Umwuka Wera, ' Ndazamura ibiganza mvuge ko ndi umuhanuzi w'ibinyoma."

²⁶ "Niba kandi Bibiliya ivuga ko mugomba 'kubatizwa mu Izina rya Yesu Kristo, 'bivuze ko mugomba kubikora gutyo. Pawulo yabategutse kongera kubatizwa. N'ubwo bari barabaturijwe gute, bagombaga kuza, bakongera bakabatizwa. Babaturijwe n'umuntu umwe wabatije Yesu Kristo; Yohana Umubatiza. Yaravuze ati: 'Ibyo ntibizongera gukora. Mugomba kuza, mukongera mukabatizwa.' Bagombaga kubikora mbere y'uho bakira Umwuka Wera. Byari gahunda y'Imana."

²⁷ Nshobora kugenda byimbitse kurenza ibyo, iri joro. Kubera iki? Yesu akomeza Ijambo Rye. Murabyizera? Noneho, hafi ya mwese muri hano muri iki gitondo, ariko ndashaka gutinda gato kuri ibyo.

²⁸ Kuki Pawulo yategutse...yabitegetse atyo mbere y'uho bikorwa? Pawulo ati: "Naho Malayika uvuye mu Ijuru yaza akavugaga ubundi butumwa burenze ubu, avumwe."

²⁹ Noneho muravugaga muti: "Twabonye Umucyo mushya kuri ibyo." Oya, ntabwo ari byo. Ibyo ni byo satani yazaniye Eva, Umucyo mushya. Ntimukeneye urumuri rushya. Mugomba kugendera mu mucyo Imana yamaze gushyira hano, ni ibyo gusa.

³⁰ Noneho nimurebe ibi, uburyo byoroshye. Ubwo bamanukaga bava ku musozi wo guhindurirwaho, Yesu yabwiye abigishwa be ati: "Abantu bavugaga ko Njyewe Umwana w'umuntu ndi inde?"

"Umwe ati uri 'Mose, cyangwa Eliya, uri umwe mu bahanuzi."

Aravugaga ati: "Mwebwe muvugaga ko ndi inde?"

³¹ Aravugaga ngo, Petero aravugaga ati: "Uri Kristo, Umwana w'Imana nzima."

³² Aravugaga ati: "Urahirwa, Simoni, mwene Yona; kubera ko inyama n'amaraso atari byo biguhishuriye ibi." Murareba, ntabwo binyura mu maseminari. Ntabwo bizanwa n'amadini. "Umubiri n'amaraso ntibyaguhishurira ibi bintu. Ntabwo wigeze ubyiga unyuzwe mu ishuri rya tewolojiya. Ahubwo ni Data uri mu Ijuru, wabiguhishuriye. Kandi kuri uru rutare ni ho nzubaka Itorero Ryanjye; n'amarembo y'ikuzimu ntashobora kurunyeganyeza," guhishurirwa mu Mwuka Uwo ari We.

³³ Mwitagereze, "Kandi ndavuze ngo uri Petero. Kandi nzaguhaga urufunguzo rw'Ubwami. Kandi ibyo uzahambira

kw'isi byose, nzabihambira no mw'Ijuru; ibyo uzabohora ku isi, nzabibohora no mw'Ijuru." Noneho, Yagombaga kubahiriza Ijambo Rye bitari ibyo ntabwo Yari kuba ari Imana. Noneho, Amaze gukora ibyo, nyuma y'iminsi mike, Arabambwa, arazuka, azamurwa mu Ijuru, kandi Petero yafunguye ku mugaragaro Ubutumwa bwiza ku muni wa Pentekote. Yarabutangije? Nta gushidikanya ko yabikoze. Noneho nimurebe ubwo yashoboraga...

³⁴ Bose barabasekaga, kuko bari buzuye Umwuka. Biswe "abahakanyi, abera-bazunguruka," cyangwa ubwoko runaka bw'izina nk'iryo. Ndetse baranaseka, baravuga bati: "Aba basinze vino nshya."

³⁵ Petero arahaguruka hagati yabo, arangurura ijwi, ati: "Bagabo bene Data, nimwumve ijwi ryanjye. Mutege amatwi amagambo yanjye kandi munyumve. Aba ntibasinze nk'uko mubitekereza; iyi ni isaha ya gatatu y'umunsi. Ariko ibi ni byo byavuzwe n'umuhanuzi Yoweli ngo, 'Kandi mu minsi y'imperuka, nzasuka Umwuka Wanjye,' ni cyo Azakorera abahungu Be, n'abakobwa Be, n'abaja Be, n'abandi, kuri uwo munsi."

³⁶ Kandi ubwo batangiraga kubyumva, byabacumise mu mutima. Kubera ko, bumvise umugabo utazi na ABC, nyamara bagombaga kumutega amatwi, bakamenya ko afite Ikintu imbere muri we, kimutwika, Umwuka Wera. Kumuhagarika? Kubera iki, byaba nko kugerageza kuzimya umuriro, ku nyubako yafashwe n'inkongi, ku muni w'umuyaga. Ntimushobora kubikora. Yari yuzuye Umwuka Wera. None se yakoze iki ubu?

³⁷ Baravuga bati: "Ni byiza, none se bagabo bene Data, dukore iki kugira ngo dukizwe?"

³⁸ Noneho nimwitegereze, Petero, ufite urufunguzo rw'Ubwami. Murareba?

³⁹ Noneho, igihe Yesu yahagurukaga ku muni wa gatatu, ntabwo Yari afite imfunguzo z'Ubwami bwo mw'Ijuru. Mwari mubizi? Yaravuze ati: "Nahawe urufunguzo rw'urupfu n'ikuzimu," ariko si urw'Ubwami, kuko rwari rwarahawe Petero.

⁴⁰ Noneho ati: "Petero, ibyo ubohoye byose ku isi, nzabibohora no mw'ijuru. Ibyo uhambiriye kw'isi, nzabihambira no mw'ijuru."

⁴¹ Noneho ahagaze hano n'urufunguzo, kugira ngo akingurire isi iki kintu cyiza. Kandi hano afite imfunguzo mu ntoki. Nuko barabaza bati: "Dukore iki kugira ngo dukizwe?" Noneho, hatitawe ku byo intumwa zavuze ko bikorwa, Imana igomba kubimenya mw'Ijuru, niba Imuhaye ubwo bubasha.

⁴² Petero ati: "Nimwihane, buri wese muri mwe, abatizwe mw'Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubabarirwe ibyaha

byanyu, kandi muzahabwa impano y'Umwuka Wera.” Ni byo? Kandi ni yo mpamvu urufunguzo rwahindutse mw'Ijuru rugatangwa ku rindi zina, mu bundi buryo, ubundi—ubundi buryo ubwo ari bwo bwose. Ibyo byabereye ku isi, byabereye no mu Ijuru, cyangwa se Yesu ntiyubahirije Ijambo Rye kuri Petero. Kandi ahantu hose muri Bibiliya bababatiye, nyuma y'ibyo, babatiye mw'Izina rya Yesu Kristo. Kandi abari barabatiye mbere y'ibyo, bagombaga kuza bakongera kubatizwa, mw'Izina rya Yesu Kristo, kugira ngo babone Umwuka Wera. Ni byo. Iracyakora kimwe.

⁴³ Noneho, niba twigisha umubatizo mw'izina rya “Data, Mwana, n'Umwuka Wera,” ni ubuhanuzi bw'ibinyoma. Noneho sinshaka kubababaza, ariko nabonye ko nazana ibi bintu kugira ngo iri torero ribimenye. Ntabwo turi hano nk'itsinda ry'abantu batazi gusoma no kwandika; tuzi aho duhagaze mu Ijambo ry'Imana. Murareba, turabizi. Ndasaba umuntu uwo ari we wese kunyereka ahantu hamwe umuntu wigeze abatizwa mw'izina rya “Data, Mwana, Umwuka Wera.” Noneho mugiyeye kumva ubuhanuzi bw'ibinyoma cyangwa se mwumve Ukuri? Mushakisha Ibyanditswe. Ni mwebwe bireba.

⁴⁴ Nimunyereke aho umuntu umwe muri Bibiliya, cyangwa itorero ryigeze rishyirwaho muri—muri Bibiliya nk'idini. Munyereke muri Bibiliya aho bigeze bashyiraho umubwiriza w'umugore. Nimunyereke muri Bibiliya aho ibyo bintu byose twavugaga, byigeze bishyirwaho muri Bibiliya. Ntahariho. Mumbwire aho biri. Mujya mu idini. . .

⁴⁵ Ni byiza, Ubwo Abametodiste bahagurukaga, babwirije kwezwa. Ni byiza. Ariko, ubwo babikoraga, bakoze idini, kandi ibyo bikemura ikibazo. Ni yo mpamvu Bibiliya yavuze iti: “Wahawe izina.”

Muravuga muti: “Ndi Umukristo.”

“Ni byiza, ni irihe dini urimo?”

⁴⁶ Muravuga muti: “Umumetodiste,” kubera iki, uri maraya noneho. “Ndi Umubatisita,” Maraya. “Umupantekote,” uri Maraya. Uri muri iryo torero.

⁴⁷ Ugomba kuba uwa Kristo. Ntugomba kuvuga ngo uri “Umumetodisite,” “Umubatisita.” Niba uri Umukristo, uri Umukristo mu mutima.

⁴⁸ Buri rimwe muri ayo madini rishobora kubyara abana, abana b'Imana, ni byo. Ariko iyo utekereza ko uja mw'ijuru kubera ko uri Umumetodisite cyangwa Umubatisita, uribeshya. Kandi ni yo mpamvu twagumye muri icyo kintu.

Kuki Ababatisita badashobora kubona?

⁴⁹ Nabajije umugabo w'Umumetodisite hano, wandikaga igitabo, amaze iminsi acyanditse. Yaravuze ati: “Gusa ikintu twabonye gituma tukurwanya, ni uko uja mu Bapantekote.”

Ndavuga nti: “ ‘Twebwe’ se turi bande?”

“Twebwe, Abametodisite.”

⁵⁰ Ndavuga nti: “Ni byiza, ngiye kubabwira icyo ngiye gukora. Nzaza mu muji aho utuye kandi uzareka abo Bametodisite babitera inkunga.”

“Yoo,” aravuga ati: “birumvikana, ntitwashoboraga kubikora.”

⁵¹ Ndavuga nti: “Ni ibyo gusa natekerezaga. Ndagumana n’Abapentekote kuko Abapentekote barabyizera. Ni byo. Barabishyigikiye. Ni bo bashushanya inyungu zabyo.”

⁵² Ni bangahe baheruka gusoma iyo ngingo mu kinyamakuru *Life*, vuba aha, ku bijyanye n’itorero rya Pentekote? Ni bimwe mu bintu bikomeye muri iki gihe. Babonye abizera benshi mu mwaka umwe kuruta ayandi matorero yose yashyize hamwe. Kubera iki? No mu makosa yabo, Imana irabayobora, ‘kubera ko bizera Ukuri kandi bakajyana nako. Ni ukuri.

⁵³ Ariko se ubu turimo gukora iki? Murareba? Ni nayo mpamvu tutari idini. Kandi nk’uko mu by’ukuri Abapentekote babivuga...

⁵⁴ Kandi iyo inyuma hariya, ubwo Umwuka Wera yasukwaga bwa mbere ku itorero rya Pentekote, mu myaka mirongo ine ishize, batangiye kuvuga mu ndimi, imwe mu mpano. Iyo ni yo mpano ntoya mu zindi. Iyo ni ntoya mu mpano, nk’uko Mutagatifu Pawulo abivuga, kuvuga mu ndimi. Kandi rikimara kugwa, “Yoo,” baravuga bati: “twawubonye noneho,” nuko bakora idini, Inama Rusange, ubu ikaba ari yo dini yitwa Amateraniro y’Imana. “Yewe, nta muntu wawubonye keretse uvuze mu ndimi,” kandi Imana yahise ijya kure yabo, irabareka baguma aho. Rwose. Yego, mugenzi.

⁵⁵ Hahita haza abizera Imana Imwe, maze basanga umubatizo mw’Izina rya Yesu. Bati, “Yoo, twawubonye,” bakora idini. Bakoze iki? Imana yarigendeye gusa ibasiga bicaye aho.

Ni kuri, “Umuntu wese ubishaka, naze.”

⁵⁶ Murareba, abizera Imana Imwe ntibashobora kujya mu Materaniro y’Imana. Abo mu Materaniro y’Imana ntibashobora kujya mu bizera Imana Imwe. Naganiriye na bamwe mu bagabo beza bafite, Bwana. Goss, na Dr. Pope, n’abandi benshi. Abagabo bakomeye muri... nicaranye na bo. Ndavuga nti: “Ni gute mushobora kwigisha ibyo bimenyetso bya kera, muri intiti?”

⁵⁷ “Ni byo,” bati: “Mwene Data Branham,” umwe, babiri cyangwa batatu muri bo, bari inyangamugayo rwose, baravuga bati: “tuzi ko ari byo, ariko twakora iki? Turamutse tubivuzeho nonaha, kubera iki, ibyo byaza guhagarika gahunda yose.” Ni ukuri, kandi ntuzongere kuba umwepiskopi, cyangwa umugenzuzi rusange. Icyo ni igitekerezo.

⁵⁸ Mwene Data, nahitamo kugira ubutumwa buke mu mfuruka, cyangwa kubwiriza muni y'igiti cy'imbutu, ariko nkagira Ukuri, rwose, kandi umenye ko uvuga Ukuri. Umuntu ashaka Ukuri. Kandi utegetswe, nk'Umukristo, gushyigikira ukuri. Imana igiye kubibaryoza.

⁵⁹ Noneho, kuri ibi bintu, niba mutarabatiye mw'Izina rya Yesu Kristo, kandi mukaba mutarabikora, ntabwo wakiriye Umwuka Wera...

⁶⁰ Uravuga uti: "Yoo, navuze mu ndimi." Ibyo ntibisobanura ko wabonye Umwuka Wera.

⁶¹ Nabonye abarozi, abapfumu, abadayimoni, n'ibindi byose, bavuga mu ndimi. Rwose. Ntibagira Umwuka Wera, kandi murabizi. Banywera amaraso mu gihanga cy'umuntu, bakabyina, hanyuma bagahamagara satani, maze bakavuga mu ndimi. Rwose. Ntibabona Umwuka Wera.

⁶² Rero, 'kubera ko wavuze mu ndimi, ntibisobanura ko wabonye. uburyo bumwe bwonyine bwo kugaragaza ko uwufite, ni icyo Umwuka wawe uhamanya n'Umwuka We, kandi imbutu z'Umwuka ni izi zikurikira: urukundo, kwizera, umunezero, amahoro, kwihangana, ubugwaneza, ubwiza, ubwitonzi. Ubwo ni bwo umenya ko wakiriye Umwuka Wera. Urihamiriza Ubwawo.

⁶³ Noneho, mu gihe mugerageza kuruhuka, kuko mu Materaniro y'Imana, cyangwa mu Babatisita, cyangwa mu ba Peresibiteriyeni, murabona ibyo murimo gukora? Murimo gufata izina ry'indaya. Ni byo rwose. Nimusohoke muri icyo kintu. Nimujye kure yacyo. Ntabwo nshaka kuvuga mu itorero ryanyu cyangwa ikindi kintu cyose; mukore ibyo mushaka kuri ibyo. Ariko mujye kure, "Yego, Ndi umu Presibiteriyeni. Ntabwo twemera iminsi y'ibitangaza." Kuki mutabyemera? Bibiliya irabyigisha. "Yoo, ndi mu Itorero rya Kristo. Bavuga ko iminsi y'ibitangaza yarangiye." Ni abahanuzi b'ibinyoma.

⁶⁴ Nshobora kubereka aho Yesu Kristo aha imbaraga Itorero, zo gukiza abarwayi, no kuzura abapfuye, no kwirukana abadayimoni. Ndasaba umuntu uwo ari we wese kunyereka Ibyanditswe muri Bibiliya aho yabikuye mu Itorero. Ni igiki ryajyanye? Inyigisho zanyu z'imihango, burya, ntabwo ari Ijambo ry'Imana. Umwuka Wera aracyakora akazi, agenda neza kimwe, kandi Azahoraho iteka.

⁶⁵ Ni nayo mpamvu tutari idini, "Kugira uburyo bwo kubaha Imana, no guhakana Imbaraga Zayo; Kuva aho." Ntabwo twemera ibyo bintu.

⁶⁶ None, byatangiye gute? Tugomba kwihuta no kubigeraho byihuse bishoboka ubu, uko byatangiye. Noneho twabonye Ibyanditswe byinshi byanditse hano ku byerekeye Umwuka Wera.

⁶⁷ Kandi ikindi kintu, twateje ikibazo mw'ijoro ryakeye, ku "kwihangana kw'abera," ntabwo ari mu buryo Ababatisita babyizera. Oya, mugenzi. Ntabwo nemeranya n'Ababatisita hamwe n'ibitekerezo byabo, bihimbano by'ubukaruvinisimu. Ni ukuri sinemeranya n'Abaperesibiteriyani. Ntabwo nemeranya n'Abametodisite mu nzira zabo z'inyigisho za Aruminiya. Ni byo, mugenzi. Ariko bombi babonye ukuri, ariko uko kuri babonye bagomba kukugarura *Hano* ahari Ukuri. Iyo wirukiye hariya, wiruka mw'ishyamba hamwe nako. Rwose.

⁶⁸ Ababatisita barinjira, babatiza abashakanye hano, mu buryo bwo kwibiza; Kandi umuvugabutumwa arababatiza, icyenda ku icumi muri bo banywa itabi, subira hanze uhagarare, hanyuma ukine amakarita, ukine urusimbi ijoro ryose, wiruke, hamwe n'ubucuruzi bw'uburiganya; Kandi abagore bose bambaye ikabutura hanze aha, biruka mu mihanda, no kogosha umusatsi, kandi—kandi bakanywa itabi bavugavuga, bagasohoka nijoro bambaye utwenda tw'uduce, bavuga urwenya rwanduye. Urabyita Ubukristo? Kandi utekereza ko wabonye Umutekano w'Iteka? Ugiye kwerekeza ikuzimu muri ubwo buryo. Ntushobora kunezererwa mw'Ijuru mu buryo ubwo ari bwo bwose. Rwose si byo. Ntabwo ari umutekano w'Iteka.

Ariko iyo umuntu avutse ubwa kabiri kubw'Umwuka Wera...

⁶⁹ Namwe Abapentekote, 'kubera ko nimusimbagurika hejuru-hasi, muvuga mu ndimi, mukirukanka mukwiragira aho hose, ibyo ntibisobanura ko mwabonye umutekano w'iteka. Ntimuzigera mubiyumvisha mu mutwe wanyu. Oya, mugenzi. Ntabwo rwose ari byo. Kubera ko, muzi ko ibyanyu—ubuzima bwanyu bwite bubatwara, bugaragaza, ko budakwiraye Imana. Ni byo. Ntabwo mufite ukuri. Ntabwo ari umutekano w'iteka, nyamara.

⁷⁰ Ariko ndashaka kubabaza ikintu kimwe. Hariho umutekano uhoroaho? Bibiliya irabivuga. Bibiliya yavuze ko amazina yacu yashyizwe mu Gitabo cy'Ubugingo cy'Umwana w'Intama mbere y'uko isi itangira.

⁷¹ Nk'uko nabivuze muri iki gitondo, nongeye kubivuga. Umugabo wanditse indirimbo, "Hariho izina rishya ryanditswe mu Bwiza iri joro, kandi ni iryanjye," igitekerezo cye cyari cyiza, ariko yaribeshye, ukurikije Ibyanditswe. Izina ryawe ntabwo ryashyizwemo mu ijoro wakirijweho.

⁷² Izina ryawe, ukurikije Bibiliya, ukurikije Ibyahishuwe 13, 17, n'ibindi, "ryashyizwe hariya mbere y'uko isi itangira; na Yesu Kristo yishwe mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro."

⁷³ Ni gute Imana, Itagira iherezo, ni gute Imana itagira iherezo, izi iherezo mbere y'itangiriro, ni gute Ishobora kwemerera icyaha kuza ku isi, niba atari kubw'impamvu?

⁷⁴ Gusa ni ukugira ngo dusubize inyuma noneho ibintu bimwe na bimwe twavuze. Ni iki cya mbere, Umukiza cyangwa umunyabyaha? [Umuntu ati: “Umukiza.”—Ubwanditsi.] Umukiza, ni byo. Ni nde ufite imbaraga, Umukiza cyangwa umunyabyaha? Niba Umukiza ashobora gukuraho icyaha, arakomeye. Ni byiza, kuki Yaretse icyaha kikabaho? Kwerekana ko Yari Umukiza. Ni inde ukomeye cyane, umuganga cyangwa uburwayi? Umuganga. None se kuki We yaretse indwara zikaza? Kwerekana ko Yari umuganga. Ubu ndumva ari umunyedini. Yego mugenzi. Yoo, mbega! Ibyo ni byo biyiranga.

⁷⁵ Ni yo mpamvu Ireka ibibazo bikaza. Ni yo mpamvu Ireka intimba zikaza, kugira ngo yerekane ko Ari umunezero. Ni ukuri, ni ko bimeze. Ni yo mpamvu habaho ijoro, kugira ngo yerekane ko hariho amanywa. Ni yo mpamvu twarakaye, kugira ngo twerekane ko hariho amahoro. Ni byo, ni icyiza n'ikibi. Yoo, ni mwiza.

⁷⁶ Noneho, byatangiye bite? Tuzabigeraho neza, vuba bishoboka, ntabwo rero mbagumana ijoro ryose. Noneho, hagomba kubaho intangiriro y'ibintu byose.

⁷⁷ Kandi ndashaka kubabaza ikintu kimwe. Ubu birashoboka... Mubigumane mu mufuka w'ikote ryanyu. Ntimugomba kubishyira hamwe n'ibiryo bisanzwe. Ariko mubyumve.

⁷⁸ Niba muri ibiremwa by'Iteka, ntimwigeze mugira intangiriro, cyangwa ntimushobora kugira iherezo. Kubera ko, *Iteka* biva mw'ijambo “ikitagira intangiriro cyangwa iherezo.”

⁷⁹ Ntimubyibuka? Navuze, muri iki gitondo, ko burya Melkisedeki, igihe yahuraga na Aburahamu avuye mu icyicwa ry'abami. Kandi Bibiliya yaravuze, mu Baheburayo 7, ko—ko: “Lewi yahaye icya cumi Melikisedeki, igihe yari mu rukiryi rwa se Aburahamu.” Aburahamu yabyaye Isaka; Isaka yabyaye Yakobo; Yakobo yabyaye Lewi. Uwo yari se, sekuru, na sekuruza. Kandi mu gihe Lewi yari mu rukiryi rwa sekuru, Bibiliya imuha ishimwe ryo guha icya cumi Melikisedeki. Muvuge ku Bihe Byose! Mbega, mbega! Ntiyigeze avuga ati: “Yabikoze mu gicucu; yabikoze mu buryo burambye.” Bibiliya yaravuze iti: “Yatanze icya cumi.” Amina.

⁸⁰ Noneho, niba tunyuze mu mbuto nziza, igihe Pawulo yabwirizaga Ubutumwa bwiza nari mpari kandi nawe wari uhari. Tugiye kubyinjiramo, mu munota umwe gusa, tubishyire mu matwi. Icyitonderwa, ni byo Ibyanditswe bisaba, kuri twe, ndetse byasubiye inyuma.

⁸¹ Mutekereze gato! Lewi; hanyuma Yakobo, ise; hanyuma Isaka, ise; hanyuma Aburahamu, ise; sekuruza. Igihe Lewi yari mu rukiryi rwa sekuruza, yahaye Melikisedec icya cumi.

⁸² Ndashaka kubabaza. Uyu ni inde, Yobu 27...38, igihe yavugaga ati: “Wari he igihe nashyiragaho urufatiro rw’isi? Iyo inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbiraga hamwe, nuko abana b’Imana bagasakuza bishimye?” Abo bana b’Imana basakuzaga bishimye bari bande? Yesu yarababwiye, ati: “Nagiranye umunezero namwe mbere y’uko isi iremwa.” Ntabwo turi ibiremwa by’igihe. Turi ibiremwa by’iteka.

⁸³ “Nta muntu ushobora kuza kuri Njye, keretse Data amuyoboye. Kandi abazaza kuri Njye bose, nzabaha Ubugingo Buhoraho, kandi nzabazura mu minsi ya nyuma. Ntawe ushobora kubakura mu biganza bya Data, Wabampaye.” Ni gute muzahomba?

⁸⁴ Murebe, mufite ubwoba. Mufite ubwoba. Muziruka muzunguruke hano. Kandi ibyo ni bimwe mu bimenyetso byiza, kw’isi, nta handi mutaragera. Ni byo. Ni gute Imana ishobora kubakiza niba I. . .

⁸⁵ Ni bangahe muri iri torero bazamura biganza, bakizera ko Imana itagira iherezo? Muzi icyo ijambo *kutagira iherezo* risobanura? Ibyo biratunganye rwose. Kutagira iherezo, ntimushobora—ntimushobora gusobanura ijambo *kutagira iherezo*.

⁸⁶ Mwigeze mufata kamera yanyu mukayishyira ku kitagira iherezo? Kubera iki, bivuze gusa kuva aho muri. Byose ni byo. Nta buryo bwo kubyibandaho ukundi.

⁸⁷ Ni byiza, ni cyo Imana iri cyo. Ntagira iherezo. Niba kandi itagira iherezo, ntihazashobora kubaho inyenzi, nta sazi, nta mpyisi, nta gisebe, cyangwa igisebe cy’umufunzo, cyangwa nta kintu na kimwe cyigeze kibaho kw’isi, cyangwa kizabaho, atari icyo Imana yari izi mbere y’uko isi ibaho. Hariho imyumvire imwe ku kitagira iherezo.

⁸⁸ Ni byiza, rero, Imana itagira iherezo yabakijije hano, izi ko Izagutakaza mu cyumweru gitaha, cyangwa ukwezi gutaha, cyangwa umwaka utaha, kubera iki, Irarwana ku ntego ikomeye. Ntishobora kugutakaza. “Uwumva Amagambo Yanjye, akizera Uwantumye, afite Ubuzima buhoraho kandi ntazigera yinjira mu rubanza, ahubwo azaca mu rupfu ajye mu Buzima.” Ntashobora kubikora. Ntabwo yaba akiriho. . .

⁸⁹ “Uwabyawe n’Imana ntabwo akora icyaha; kuko imbuto z’Imana ziguma muri we, kandi ntashobora gucumura.” Ni gute ashobora gucumura mu gihe hari igitambo cy’icyaha kuri we?

⁹⁰ Ni gute nshobora kurwara mu gihe mfite ubuzima bwiza? Ni gute nshobora kuba impumyi mu gihe mbona? Yoo, Mbega! Ni gute nshobora kuba mu nyubako no hanze y’inyubako icyarimwe? Ni gute nshobora kuba umusinzi no gusinzira icyarimwe? Ntashobora kubikora.

⁹¹ Kandi iyo wakijijwe, uba uri muni y'impongano, kandi ibyaha byawe ntibibarwa. Ntabwo Dawidi yavuze ngo: "Hahirwa umuntu Imana itazabaraho ibicumuro, kandi ntimubarire mu cyaha"? Imana ntibara icyaha ku biremwa Byayo. Ibyo birakomeye. Ntabwo ari amata y'amacunda. Ahubwo iyo ni Bibiliya. Imana ntizabara icyaha ku bakiranutsi.

⁹² "Imana," ku buntu Bwayo, kubwo gutoranywa mbere, "ntabwo inshaka ko hagira n'umwe urimbuka, ariko bose bashobora kwihana." Ariko kuba itagira iherezo, ikamenya uzaza n'utazaza, Yashoboraga gutoranya ibintu byose kugira ngo ikore ku bushake bwayo. Niba Itabikoze, kuki Yemeye icyaha mbere? Igihe Yari Umukiza... Iyo hatabaho umunyabyaha, ntabwo Yari kuba Umukiza; ikiyiranga, ni ibyari muri Yo, ni uko bitashoboraga gukururwa.

⁹³ Ni gute Yigeze guhinduka umukiza? Ni gute Yigeze guhinduka umukiza? Kubera ko yemeye ko indwara ziza, kugira ngo yiyerekane We ubwe nk'umukiza. Yari umukiza. Ni gute wari kubaho... Ni gute Yari kumenyekana? Ni gute imico Ye ishobora gukora? Ni gute ashobora kuba umukiza, niba nta burwayi bwigeze bubaho? Yagombaga kwemerera indwara.

⁹⁴ Ntubitangaje, ko Pawulo yavuze, mu Baroma 8 ati: "Umupfayongo, ushobora kubwira u—umubumbyi icyo gukora ku bijyanye n'ibyo; ni inde, igihe ibumba ryahagurukaga rikavuga riti: 'Kuki umbumba, wowe, njewe gutya?' Ntiyahagurukije Farawo ku mugambi umwe, kugira ngo Yerekane icyubahiro Cyayo muri Egipta? Inangira umutima uwo Ishaka, kandi Igatsindishiriza uwo Ishaka. Ntabwo ari ku ubishaka, cyangwa ubihunda, ahubwo ni Imana itanga imbabazi."

⁹⁵ Ntabwo rero, ntacyo mwari kubikoraho. Ntabwo mufite ikintu na kimwe cyo gukora. Niba ari ubuntu, niba ari impano y'ubuntu, nta kintu mushobora kubikoraho. Imana yarayiguhaye, kandi ni ubushake bw'Imana. Ni cyo kintu Imana yaguteganyirije.

⁹⁶ Bibiliya yavuze ko "twatoranyirijwe kwitwa abana, abana b'Imana, mbere isi itarashyirwaho urufatiro." Noneho, igihe Imana yicaga Umwana w'Intama, mu bitekerezo Byayo, mbere y'uko isi ishagirwaho urufatiro, kugira ngo yerekane imico Yayo, icyo Yari cyo; igihe Umwana w'Intama yicwaga, twiciwe hamwe na Wo. Igihe Amaraso y'Umwana w'Intama yafatwaga mu bwenge Bwe, ugarutse hariya mbere y'uko isi ishagirwaho urufatiro, iryanjye n'iryawe zina yari yanditswe mu Gitabo icyo gihe, byose mu bitekerezo Byayo bikomeye.

⁹⁷ Ntigira iherezo. Niba Itarabikoze, kuki Yabimwemerereye? Ni inde ukomeye, (narabivuze,) Umukiza cyangwa umunyabyaha? Ni nde ufite imbaraga nyinshi? Noneho, umunyembaraga yagombaga kwemerera umuto, kandi

Akabikora kubw'icyubahiro Cyé gusa. Amaze gushyiraho Lusiferi, Yari azi ko azaba satani. Yagombaga kumureka akaba ahari kugira ngo yerekane ko Ari Umukiza, Kristo. Yagombaga kureka bikabaho muri ubwo buryo.

⁹⁸ Noneho, mbese Bibiliya ntivuga, ngo, “Ibintu byose bikorera hamwe kubw'ibyiza ku bakunda Imana”? None muratinya iki?

Reka duhaguruke dukore,
N'umutima uzira amakimbirane ayo ari yo
yose;
Ntimukabe nk'inka zitwarwa n'ibiragi!
(Mugomba gusabirwa no kujijuka.)
Kandi mube intwari!

⁹⁹ Ndabikunda. Muhaguruke! Igisigo gito cyakundaga kumfasha cyane nkiri umwana, kigira kiti:

Hariho Umuroma w'icyubahiro,
Mu gihe cy'abami b'Abaroma,
Ni nde wunvise umushumba w'ikigwari,
Mbere y'uko ishyo rivuga riti:
“Yoo, hari umutekano mu gihome nk'iki,
Nta muntu ushobora kukinyeganyeza!”
“Yoo, oya,” ni ko intwari ivuga,
“Nzabona inzira cyangwa nyireme!”

¹⁰⁰ Aho ni yo muri. Ni byo. Niba iyi Bibiliya yigisha ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n'uyu muni ari ko ari, kandi ari ko azahora n'iteka ryose. . . Ntabwo byari ibintu byoroshye ubwo nasohokaga muri uru rusengeru uwo muni, n'abantu bese bambwira ngo *ibi* bizabaho, kandi *ibyo* byagombaga kubaho. “Wafatwaga nk'umufana, ukajugunywa muri gereza, kandi ishyirahamwe ry'abaganga ryose rikakurwanya.” Ariko Imana yaravuze ngo bikore. Bibiliya yavuze ko yari We. Noneho umuriro w'ububutse uraka mu mahanga yose muni y'Ijuru. Kubera iki? Muhaguruke kubw'ibyo!

Ni gute mushobora gukemura ibibazo byanyu buri muni?
Mufite ubwoba bw'umurimo mubona?
Mushobora guhagarara neza ku murimo uri imbere?
Mwaba mufite ibitekerezo by'imburamumaro kandi by'ubusa? (Nanze ibyo bintu.)
Cyangwa muhagaze neza ku murimo uri imbere,
Cyangwa se buri gihe ubwoba bunyuramo?
Niba ari byo, mufate igikurikiyeho mushobora kubona,
Mu gutekereza ko muzagikora.

¹⁰¹ Mugumane nacyo. Rwoye. Intego mu mutima wanyu, nka Daniel. Mugumane n'Imana.

102 “Ibi byose byabereye he? Byagenze bite? Ni iki gituma abantu bamera batyo? Kuki twiteguye kurimbuka? Mwene Data Branham, nsobanurira. Ni iki kibatera gutekereza ko iki kintu cyose kigomba guhanagurwa?” Cyahanaguwe rimwe mbere, (ni byo?) Mu gusenye kwa antediluviya. Noneho haje ibintu byimbitse. Kandi tuzitegura gusoma.

103 Ndashaka ko muhindukira tukajyana nonaha, mu Gitabo cy’Itangiriro, mu gice cya 3. Niba mushaka kumenya ikintu icyo ari cyo cyose, nshobora kubereka muri iki Gitabo cy’Itangiriro aho buri teraniro na buri mugenzi, n’ibindi byose ibyo twabonye neza uyu muni, bitangirira mu gitabo cy’Itangiriro. Ni bangahe bazi ko *Itangiriro* bisobanura ngo “Itangiriro”? Rwose.

104 Twasanze kiliziya Gatolika mu ntangiriro, Babuloni, Nimurodi ni we wayishinze; tuyisanga hagati muri Bibiliya, dusanga ari yo ya nyuma muri Bibiliya; dusanga, igerageza kuzana ababwiriza b’abagore, mu ntangiriro ya Bibiliya, mu gusanga ibishushanyo bito bibajwe mu mizi y’imiti. Ni bangahe basomye ibya Hislop, *Babuloni ebyiri*, amateka? Byose ni byiza. Mushakishe, muri aya mateka. Bari bafite umugore... Hanyuma, muribuka? Ndetse na Yakobo yibye imana za se, umukobwa we azihisha muni ye maze azijyana hariya mu butayu, nyuma yaho, byaje guhumanya inkambi. Ni byo.

105 Ubu nimureke dusome hano mu Itangiriro.

Inzoka yarushaga uburiganya inyamaswa zo mu’ishyamba zose UWITEKA Imana yaremeye. Nuko ibaza uwo mugore, none se, ni ko Imana yavuze, ngo ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?

...uwo mugore asubiza inzoka, ati Imbutu z’ibiti byo muri iyi ngobyi twemerewe kuzirya,

keretse imbuto z’igiti...kiri hagati y’ingobyi, ni zo Imana yatubwiye iti, Ntimuzazirye, ntimuzanazikoreho, kugirango mwebwe mutazapfa.

Iyo nzoka ibwira umugore, iti mubyukuri ntimuzapfa,

Kuko Imana izi ko ku muni mwebwe mwaziriyeho, amaso yanyu azahumuka, (reba, guhiga Urumuri rushya), mugahindurwa nk’imana, mukamenya icyiza n’ikibi.

106 Murebe uko abo bagenzi bacu bameze uyu muni, bagerageza gukuramo bimwe muri Bibiliya? “Kubera iki, ese ntibyababwira byoroshye nko gusuka, cyangwa kuminjagira, cyangwa ubu buryo, cyangwa buriya?” Oya, mugenzi. Imana yashyizeho gahunda, kandi iyo ni yo tugomba gukurikiza, *Iyi*.

Uwo mugore abonye ko icyo giti gifite ibyo kurya byiza, kandi ko cyari kinogeye ijisho, kandi ko ari cyo kwifuriza...umuntu kumenya ubwenge, asoroma

ku mbuto zacyo, arazirya, ahaho n'umugabo we wari kumwe na we; arazirya.

Amaso yabo yombi arahumuka, bamenya yuko... bambaye ubusa; badoda ibibabi by'imitini, biremeramo ibicocero.

¹⁰⁷ Ndashaka guhagarara hano umunota umwe. Noneho, hagomba kubaho intangiriro ya byose. Mwari mufite intangiriro. Ubu twe... Hano ni ho nshaka gushingira ibintu byose, ubu, twabiganiriyeho muri aya materaniriro abiri aheruka, ndetse kugeza hano.

¹⁰⁸ Noneho, muri iki gitondo twasubiye inyuma turatebya, muri Bibiliya, igihe Imana yaremaga isi, igihe Yarimo irema imyuka; hanyuma imyuka igahinduka kalisiyumu, na potasiyumu, na—n'ibintu bitandukanye. Yari irimo kurema umubiri wawe. Yarimo gushyira inyubako hanze, nk'umwubatsi w'umuhanga ukomeye, nk'uwashyize intaro ashingiyeye ku bikoreho bye by'umushinga wo kubaka inzu. Yari irimo kurema umubiri wawe, maze iwurambika aho. Yari izi neza, mu bitekerezo Byayo, ibigiyeye gukorwa.

¹⁰⁹ *Iki kiganza*, Imana yaremeye icyo kiganza mbere Ya... igihe Yari irimo kurema isi; ariko, umwuka wanjye Yawuremye mbere y'uko habaho isi. Noneho, ariko iki kiganza n'uyu mubiri, Yabiremye igihe yaremaga isi, kubera ko uyu mubiri uva mw'isi, kandi ugasubira mw'isi. Imana yaremeye ibyo. Yabishyize byose mu bishushanyo mbonera Byayo na gahunda Yayo.

¹¹⁰ Noneho, igihe Yari igiye kurema isi, Yaremeye umuntu, kandi umuntu ntiyagaragaraga neza. Noneho twabibonye, muri iki gitondo, twanyuze mw'ikinamico, uko ibyo—Data aramanuka yitegereza umuhungu We, waremwe mw'ishusho Ye, n'ibindi. Hanyuma amuremera umugore, umufasha.

¹¹¹ Noneho, mwibuke, ko, ibiremwa byose byo mw'isi, Adamu yabyise amazina.

¹¹² Yari yararemeye a—amatungo, n'inyamaswa, n'ibintu byose. Uyu muni, twebwe... Abakurikirana ibihe kandi—n'ubwenge bitandukanye bw'ubumenyi, bwaragerageje, imyaka ibihumbi bitandatu, kugira ngo bumenye iyo sano yabuze, impamvu iyo nyamaswa... Umuntu ni ubuzima bwa kinyamaswa. Turabizi ko, ko twaremwe...

¹¹³ Kandi umugore ni igice cy'umugabo gusa, icyakomotse. Umugore ntabwo yari mu byaremwe mbere. Imana yo yararemeye, imyaka n'imyaka n'imyaka, kugeza ikuye umugore mu rubavu rw'uruhande rwe. Adamu yari yarise amazina ibiremwa byose, ibindi byose, ariko ntacyo yari cyo ari wenyine. Rero, Yamuremeye umufasha; yakuye urubavu mu ruhande rwe, afunga aho ruvuye, amuremera umufasha. Kandi Umugabo, mu mwuka we, yari umugabo ari n'umugore.

¹¹⁴ Kandi umugore ni igice cy'umugabo gusa. Kandi iyo umugabo yishakiye umugore, kandi niba mu by'ukuri ari umugore we, umugore-yahawe n'Imana, azaba uwe gusa nk'igice cye.

¹¹⁵ Ni yo mpamvu mufite ibibazo byinshi byo kutizerana mw'ishyingiranwa, ni ukubera ko usohotse ukabona umukobwa ufite amaso meza y'ikigina cyangwa amaso y'ubururu, cyangwa ikindi kintu nk'icyo, n'uburanga bwiza, hanyuma ukamubenguka. Ubwa mbere afite umwana w'imfura, watangiye kumera amenyo, hanyuma akazana iminkanyari ashaje, noneho ugashaka kumwirukana. Kandi bamwe muri mwe bagore mushaka umusore ukiri muto w'umusatsi utendera, Yawutotobetse amavuta ya nyina akawujejetamo, akawuzingazinga. Nuko wose ukagwa; Ndabizi ku bw'uburambe. Ariko bigenda bite? Ni ibiki? urawubenguka.

¹¹⁶ Ugomba gusenga, mbere na mbere, 'kubera ko umugore ari igice cyawe. Niba kandi warahobeye umugore mu gituzo cyawe, ukamugira umugore wawe, nawe... Agushyiraho icyapa. Tuzabivuga gutya kugira ngo muzasobanukirwe. N'abandi bagore bose barwanira icyo gituzo ntibazahuza icyo cyapa. Kandi Imana izabibaryoza. Kandi murabyibuka neza.

¹¹⁷ Wowe ujyana umugore w'undi muntu kandi... Uyu munsu nunvise iby'umukobwa muto hano mu muji, akantu gato gakenyeye. Ndamuzi. Na bamwe mu bakina urusimbi bamugurira imyenda myiza, n'ibindi bintu, bagerageza kumukinisha gutyo. Imbeba, yakora ikintu nk'icyo, ntishobora no gufatwa nk'umuntu.

¹¹⁸ Murabizi, imbwa ntabwo iri hasi-hasi, nyamara wita imbwakazi "indaya." Ifite ukwiyubaha kurenze ukw'icya kabiri cy'abagore ba Jeffersonville bafite. Kandi mwita inyagazi y'ingurube ishaje "ishoka," kandi si ko iri... Ifite ukwiyubaha kuruta cyane ukw'abagore bo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, benshi muri bo. Ni byo rwose. Noneho, nzi ko bigororotse. Kandi nababwiye ko ngiye kubicaguririra mu rugo, ndashaka ko mubimenya. Kandi ibyo ni ukuri. Bose, abagore muri iki gihe, ntibazi no kwiyubaha icyo ari cyo. Ati: "Ntukababaze umutimanama wanjye." Ni byiza, ntacyo wabonye. Itegereze. Yego, mugenzi. Iyo, uzi icyiza n'ikibi.

¹¹⁹ Noneho mwitegereze. Uyu mugabo, igihe yaremwaga, Imana yatandukaniye umwuka we. Nuko Ifata igice cy'umugabo, mu rubavu, ikiremamo umugore. Hanyuma Ikuramo umwuka w'umugore, umwuka utuje w'umugabo, nuko iwuremamo umugore. Kandi Yahinduye ubugabo bw'uwo mugabo, umunyabigango.

¹²⁰ Kandi iyo mubonye u—u—uwo mugabo muto... murabizi, yishyiraho imitako, cyangwa uko wabyita kose, inzara z'intoke ze; kandi, murabizi, bane ku ruhande rumwe na batanu ku rundi

ruhande, na—no kuzingazinga umusatsi; akaguma yasamyeye imbere, n'umwanda nk'uwo; umwe muri aba bahungu beza. Uribuka neza, mushiki wanjye, hari ibitagenda neza kuri iyo nyoni. Hariho ibitagenda neza. Ni byiza kuyihozaho amaso.

¹²¹ Kandi iyo ubonye umugore ufite isigara iruhande rw'umunwa we, ayafatiye rimwe ari abiri, akavuga ati: "Nzakubwira, musore, icyo ari cyo!" Mwene Data, reba uriya mukobwa ushaje. Hariho ibitagenda neza kuri we.

¹²² Umugore, agomba kuba umugore, kandi agomba kwambara nk'umugore. Igihe Imana yaremaga umugabo, Yamugize ikintu kimwe, n'umugore Imugira ikindi kintu. Kandi iyo Imana yambitse umugabo, imwambika mu buryo bumwe, n'umugore mu bundi buryo. Bibiliya iravuga iti: "Ni ikizira ku mugore kwambara umwenda wagenewe umugabo."

¹²³ Namwe bagore, kwambara turiya dupantaro duto twa kera n'ibintu, kandi mukabyambarira hano, duto twa kera... Mutwita gute, amakabutura maremare? Bakora iki...? Yoo, ibyo bintu ni ibiki...? Oya, oya, ntabwo ari amakabutura, ni ayandi, afite amaguru maremare. [Umuntu ati: "Abasunika pedali."—Ubwanditsi.] Abasunika pedali, yose hamwe, amakoboyi.

Injiramo, yaravuze ati: "Ibi ni iby'abagore."

¹²⁴ Naravuze nti: "Oya, uribeshya. Abagore ntibambara ibi bintu. Abagore bagomba, ariko abadamu ntibabikora." Ni byo.

¹²⁵ Bibiliya yaravuze iti: "Ni ikizira ku mugore kwambara umwambara...n'abagabo kwambara umwenda wagenewe abagore."

¹²⁶ Kandi umugabo aragenda arushaho guhinduka umugore, buri muni, n'abagore bakarushaho guhinduka abagabo. Ikibazo ni ikihe? Tugiye kubimenya mu minota mike, muri Bibiliya. Abagore ntibakiri abagore. Ntabwo nshaka kuvuga mwebwe Abakristu. Ndavuga ku turebye muri rusange. Bashaka gukora nk'abagabo; bashaka kogosha umusatsi nk'abagabo; bakazamura ibiganza byabo hejuru ku kabari, nk'uko, maze bakaririmba *Imana Ihe umugisha Amerika*, batumura itabi mu nguni z'umunwa wabo.

¹²⁷ Bakamanuka mu muhanda, bakagaruka gutyo, bagakomeza mu nzira ya gari ya moshi. Twabyitayeho...Ndashaka kubabwira ikintu. Namwe bagore b'abashoferi, nimutege amatwi. Jye na Billy Paul, kuri ubu bukangurambaga bwa nyuma hirya no hino mu gihugu, amezi atandatu, nakomeje kubara umubare w'abo utamenya abo ari bo mu muhanda. Nuko mu mpanuka magana atatu, mu muhanda, nkeka ko bangahe muri bo ari abashoferi b'abagore? Habuze gusa... Cumi n'icyenda muri bo bari abagabo. Naho magana abiri na mirongo inani cyangwa, ndizera ko byari, magana abiri na mirongo inani n'umwe bo bashoboraga kuba ari abashoferi b'abagore. Abashoferi b'abagore! Noneho, simvuze ko nta

bashoferi beza b'abagore babaho. Ariko ibyo ari byo byose azazunguruka.

¹²⁸ Kandi mugerageza neza kumuhindukirira? Mureke agire uburanga bwiza, ahagarare aho, aterere iyo misatsi hejuru mu gihe umupolisi aje. “Kubera iki,” yavuga ati: “rwose, uri mu makosa!” Hmm! Nta mategeko dufite.

¹²⁹ Bagaragaje ko ejobundi mw'itagisi najemo. Nta mategeko dufite. Niba ahari. . .

¹³⁰ Ntibitaye ku kubona abami bakomeye b'Ubwongereza baravuga bati: “Demokarasi yari ibitegamuyaga by'ubwato ariko ntiyari cyo gitsika cyabwo.” Ni byo, hagarara ahagenewe kwiyerekana, wiyamamarize amatora. Demokarasi iraboze, nk'abanyagitugu n'abandi bese. Ibintu byose biraboze. Nta kindi ariko ikintu kimwe Imana ikora, ni ugusenywa ibintu byose, nk'uko Yavuze Izabikora, igatangira bundi bushya. Noneho murebe uburyo muri hafi y'Ukuza.

¹³¹ Noneho iyo uyu mugore... Yamugize umufasha, kandi yagombaga kumufasha. Hanyuma. . .

¹³² Noneho, hano, ntabwo ndangira umubwiriza wemera ibi. Kandi bagerageza kubikora mu bundi buryo, ariko nyamara ntabwo byumvikana kuri njye. Bagerageza kuvuga ko Adamu na Eva bariye urubuto rwa pome. Mwene Data, niba. . . Simvuze ibi kubwo gusetsa, ariko ndashaka kubivuga. Kubera ko, niba kurya pome bituma abagore bamenya ko bambaye ubusa, ni byiza ko twongera gusoroma pome. Kandi muzi ko ari byo.

¹³³ Murabizi, kurya pome, ntabwo ari byo bakoze, byatumye bamenya ko bambaye ubusa. Mu by'ukuri, ntabwo byari byo. Byagombaga kuba imibonano mpuzabitsina. Ni ko byagombaga kuba, 'kubera ko bamenye ko bambaye ubusa mu gihe bafataga izo mbuto zabujijwe. Ntabwo umugore ari igiti cy'imbutu? Mbese nturi imbuto ya nyoko? Ngiyo imbuto yari yabujijwe gufatwa.

¹³⁴ Noneho hano hari ikintu gikomeye. Noneho siyansi mureba yigeze kumenya icyo ikiremwa muntu ari cyo... Bacukura amagufwa ashaje, bafata ibisigazwa, bafata imitwe, kandi bafata ibihanga, n'amaboko, n'amagufwa, kandi bakagerageza kubisanisha n'ikiremwa muntu. Kandi bazi ko ikintu cya hafi cyegereye umuntu, ku ruhande rwacyo, ni inguge. Ni yo ifite isano rya hafi ku kiremwa muntu; ariko nyamara nta kintu na kimwe, kiri hejuru y'ikiremwa muntu.

¹³⁵ Igifite imiterere y'ubuzima iri hasi cyane mu byaremwe ni igikeri; igifite imiterere iri hejuru ni ikiremwa muntu. Imana yatangiye hasi hanyuma imukora neza, kugeza imugejeje ku ishusho Yayo. Yarabizanye irabizamura ibirenza inyoni n'inyamaswa, ibishyira hejuru, kugeza igeze ku ishusho y'Imana. Yaremye umuntu muri iyo shusho. Mu buryo bwo hejuru. Uburyo bwo hasi cyane ni umuhini wahindutse igikeri, n'ibindi.

¹³⁶ Noneho, iki kiremwa kitaboneka, badashobora kubona. Nimurebe Ibyanditswe noneho. Mwebwe, mugiyeye kutemeranya n'ibi, benshi muri mwe, ariko ndashaka...Ndashaka ko mubizirikana. Kandi ntumukabibangikanye. Nimwumve.

¹³⁷ Ndabizi ko benshi muri mwe mwagiye mwumva Dr. DeHaan. Ni ukuri...Nk'umuntu mugenzi we, akaba n'umuvandimwe mwiza w'Umubatisita, rwose ndamushima. Afite ubwenge n'ubwonko bwinshi, kandi—kandi yibagiye ibirenze ibyo nari nzi; 'Kubera ko we ni Dogiteri mu—mu bijyanye n'Iyobokamana, kandi ni umuganga mu kuvura, kandi ni Dogiteri mu bya Siyansi. Ni umuntu uzi ubwenge. Ariko arimo kuvuga ko abo... Igihe abahungu b'Imana babonaga abakobwa b'abantu ari beza; afata igihagararo cya Yosefu, akavuga ko "bo—binjiye mu mubiri w'umuntu," babagira abagore babo. Kandi mu gihugu cya Nodi harimo ibihangange. "Nuko bafata abagore barabarongora, igihe abana b'Imana, Abamalayika baguye, bareba kandi bitegereza abakobwa b'abantu; kandi irari ry'ibitsina ryari rikabiye, nyamara cyari icyaha kigusha, binjiye mu by'umubiri w'abantu."

¹³⁸ Niba bakora ibyo, bangiza gukira indwara guturuka ku Mana, bangiza ibindi byose. Niba satani ashobora kurema, ubwo angana n'Imana. Satani ntashobora kurema. Ndashaka ko munyereka ahantu hamwe satani ashobora kurema. Ntashobora kurema. Gusa agoreka ibyaremwe. Ntabwo ari umuremyi. Ni uhindura ibintu gusa.

¹³⁹ Noneho byagenze bite? Nimurebe. Dore igitekerezo cyanyje. Hano hari umurongo wabuze.

¹⁴⁰ Noneho babonye inguge, ariko ntushobora guhuza inguge n'umugore hanyuma ngo bibyare umwana. Ntushobora kubangurira ikiremwa muntu hamwe n'inyamaswa iyo ari yo yose. Ntabwo bivanga. Ntushobora guterwa amaraso, y'inyamaswa iyo ari yo yose.

¹⁴¹ Igihe nari muri Afrika, bafataga abo bantu b'abakene b'abirabura muri ubwo buryo; hari uwambwiye, ati: "Nta kindi uretse inyamaswa."

¹⁴² Ndavuga nti: "Ndagusaba imbabazi. Ni abantu nkamwe, birashoboka cyane." Reka nkubwire, iyo ugize imyifatire nk'iyi, uba ugarutse ku nyamaswa. Ndavuga nti: "Uwo mugabo, niba ari umwirabura nk'ibara ry'isuka, cyangwa niba ari umuhondo nk'igihaza, cyangwa niba ari ubururu nka indigo, ashobora kurokora ubuzima bwawe aguha guterwa amaraso. Ariko ntuzigere ushyiramo amaraso y'inyamaswa." Muby'ukuri, ni umuntu.

¹⁴³ Gusa ni ukubera ko uruhu rumwe rwabaye umukara, urundi rukaba rwijimye, urundi rukaba umuhondo, urundi rwera, ibyo ntaho bihuriye nabyo. Bibiliya yaravuze iti: "Imana y'amaraso amwe yaremeye abantu bose." Kandi ni byo rwose.

Ahantu dutuye, hahindura ibara ry'uruhu, ntaho byari bihuriye nabyo. Imana yaremeye umwe—umuntu umwe amahanga yose, n'amaraso amwe, amahanga yose amwe.

¹⁴⁴ Abashinwa; umugabo w'umwirabura ntashobora kuvuga nonaha, umwirabura ntashobora kuvuga nonaha, ngo, “Uwo Mushinwa, we—ari umuhondo, ntabwo nagira icyo nkorana na we.” Ni umuvandimwe wawe. Namwe bazungu ntimushobora kubwira uw'umuhondo cyangwa umwirabura, umwe ngo, “Ntacyo mfite nakorana nawe.” Ni umuvandimwe wawe. Ni byo rwose.

¹⁴⁵ Icyitonderwa, noneho, dore ibyabayeho. Ndizera, kandi nshobora kubishyigikira na Bibiliya, ko inzoka ari yo yabikoze. Inzoka ni uwo muntu wabuze hagati ya y'inguge n'umuntu. Impamvu, umva, menya ibi ubungubu, ko inzoka itari igikururanda. Yari cyane “Inyaryenge” cyane kurusha inyamaswa zose zo mu gasozi.

¹⁴⁶ Noneho, nagiye mbona inkoranyamagambo, uyu muni, kuva hose, kugira ngo ndebe iri jambo, icyo ijambo *inyaryenge* risobanura. Bisobanura “kuba umunyabwenge, kuba umunyamayeri,” kandi, ibisobanuro byiza by'I—by'Igiheburayo (kuva m-a-h-a-h, mahah) bisobanura “kugira ubumenyi nyabwo bw'amahame y'ubuzima.”

¹⁴⁷ Noneho reka turebe ibi umunota umwe gusa. Ni umunyabwenge, umunyamayeri, nyamara yitwa “inzoka.” Ariko, mwibuke, yari akantu k'ubwenge kariho, kandi cyane kameze nk'ikiremwa muntu kuruta ikindi kintu cyose cyari mu busitani; hafi y'umuntu. Ntiyari igikururanda. Ni umuvumo wamugize kuba igikururanda. Kandi yari . . . Bibiliya yavuze ko yari mwiza cyane muri byose.

¹⁴⁸ Kandi n'umuvumo ntabwo wamwambuye ubwiza bwe bwose; nyamara amabara y'inzoka ni meza, n'amakenga yayo n'ubushishozi. Ndetse umuvumo ntiwigeze ubikuraho. Ariko, muribuka, Imana yamubwiye ko amaguru ye azavaho akajya mu nda. Kandi ntushobora kubona igufwa rimwe mu y'inzoka risa n'iry'ikiremwa muntu, ni yo mpamvu siyanse yatakaye. Ariko irahari.

¹⁴⁹ Imana yabihishe mu maso y'abanyabwenge n'abashishozi, kandi isezeranya kubihishurira abana b'Imana, mu minsi ya nyuma ubwo abana b'Imana bazagaragara, ubwo, “Abana b'Imana bazaba bishimye na mbere y'uko isi ishyirwaho urufatiro.” Iryo hishurirwa rikomeye ry'ubumana n'ibintu byari kumenyekana mu minsi ya nyuma, Ibyo yabigaragaje ibinyujije mu bana b'Imana. Muzi ko Ibyanditswe byigisha ibyo. Kandi hano turi. Ni nayo mpamvu Imana iduhishurira ibyo bintu. Imana izana abana Bayo mu kwigaragaza. Irenga imipaka y'ubumenyi bw'abantu, inzira mu bihishurwa by'umwuka, ikabimanura. Mbese ntabwo twigeze twigisha, muri iyi Bibiliya

ngo: “Aha niho hasa ufite ubwenge”? Ntabwo ibyo yabyigiye muri seminari; ahubwo ni ibyo yigiye ku mavi imbere y’Imana, ndetse ni cyo Imana yanejejwe no kumuha. Abana b’Imana, bagaragajwe!

¹⁵⁰ Dore inzoka, noneho dore uko inzoka yari imeze; Ngiye gutanga ibisobanuro byanyije kuri yo.

¹⁵¹ Dufite . . . tumanuke, duhereye ku gikeri, kuri uwo muhini, no hepfo no hejuru, *n’ibindi-n-’ibindi*, kugeza amaherezo ugeze ku nkende, no ku nguge. Kandi uhareye ku nguge, duhita dusimbuka tukava ku nguge tukajya ku muntu, maze tukibaza impamvu.

¹⁵² “Ni byo,” siyanse iravuga ngo: “noneho tegereza! Dushobora kubangurira umugore ku nkende no ku’nguge, hanyuma ubundi, umugabo akabangurirwa ku nguge.” Ntabwo bizakora. Zibangurire ku zindi nyamaswa; ntabwo bizakora. Amaraso ntazavanga; fata amaraso yawe, ni amaraso yuzuye atandukanye rwose, aruzuye.

¹⁵³ Hari amaraso amwe hagati hano, kandi ntashobora guhura n’ay’inyamaswa. Yoo, Hallelujah, ubu ndiyumva nk’umwizera. Mwitagereze. Ni ukubera iki? Imana yarabibahishe. Nta gufwa riri mu nzoka risa n’amagufa y’umuntu. Yashyize ikintu kure cyane ku buryo bidashobora kuvumburwa n’abanyabwenge.

¹⁵⁴ Kandi ngiye kubereka aho uriya mugabo w’umunyabwenge aturuka, aho—aho ari, uko byagenda kose. Murebe, ntashobora kunyura muri ibyo.

¹⁵⁵ Bigomba kuza kubw’ihishurirwa, “Uri Kristo, Umwana w’i . . .” “Kuri uru rutare nzubakaho Itorero Ryanjye; n’amarembo y’ikuzimu ntashobora kurunyeganyeza,” ihishurirwa ry’umwuka. Ni gute—Ni gute Abeli yamenye gutanga umwana w’intama, mu gihe Kayini we yatanze imbuto zo mu murima? Byamuhishuriwe mu buryo bw’umwuka. Ntabwo mubyishwa na seminari. Ntimushobora kubikura mu madini. Mubikura mu Ijuru.

¹⁵⁶ Noneho murebe inzoka, iyi nzoka yari iyambere. Reka dushushanye ifoto ye nonaha. Ni uwo dufitanye amasano ukomeye. Ari hagati y’inguge n’umuntu. Inzoka; satani, Lusiferi, yari azi ko ayo ari yo maraso yonyine yashoboraga kuvangwa n’aya maraso y’abantu, umuntu wenyine ni we yashoboraga guhangana na we. Ntiyashoboraga guhangana n’inguge, ayo maraso ntabwo yari kuvangwa. Ntiyashoboraga guhangana n’ibintu bitandukanye. Ntiyashoboraga guhangana n’intama. Ntiyashoboraga guhangana n’ifarashi. Ntiyashoboraga guhangana n’inyamaswa iyo ari yo yose; yagombaga guhangana n’inzoka.

¹⁵⁷ Reka tumujyane noneho turebe uko asa. Ni umuvandimwe ukomeye, igihangange cyabanjirije amateka. Aho ni ho basanga aya magufa manini, kandi nzabereka ibi muri Bibiliya. Noneho

mwitegereze neza. Byose. Uyu muvandimwe ukomeye, reka tuvuge ko—yari afite uburebure bwa metero icumi, ibitugu binini; yasaga nk'umugabo. Amaraso ye, nyuma yo kumanuka, ahura n'ay'inyamaswa imwe n'indi; ushobora guhuza amaraso y'inyamaswa; kandi byakomeje kubona amaraso menshi, ubuzima bwo hejuru, uburyo bw'ubuzima bwo hejuru, kugeza igihe bugereye mu nyokomuntu. Ariko ihuriro ryanyuma hano, hagati ya hano, ryaraciwe. Ni bangahe bazi ko siyanse idashobora kubona umuyoboro wabuze? Mwese murabizi. Kubera iki? Hano hari inzoka. Hano yari, mugenzi we ukomeye.

Nuko satani aramanuka, noneho, aravuga ati: “Nshobora gutera uguhumekerwa.”

¹⁵⁸ Noneho, iyo ugiye kureba abagore n'ibikorwa by'abagore, mwibuke ko, mwasizwe amavuta na satani (kandi ntabwo ari umugore wawe).

¹⁵⁹ Murebe, noneho, satani aramanuka yinjira mu nzoka. Asanga Eva mu busitani bwa Edeni, yambaye ubusa, maze avuga ku mbuto iri hagati. *Hagati* bisobanura “hagati,” n'ibindi; urabyumva, mw'itorero rivanze. Na we ati: “Noneho, zirashimishije. Ni nziza zibereye amaso.” Yakoze iki? Yatangiye gukunda Eva, abana na we, nk'umugabo.

¹⁶⁰ Abona ko ari byiza, nuko aragenda abibwira umugabo we, ariko yari yamaze guasama inda, ayitewe na Satani.

¹⁶¹ Yabyaye umuhungu we wa mbere, yitwaga Kayini, umuhungu wa Satani.

“Ubu,” muravuga uti: “ibyo ni bibi.”

¹⁶² Ni byo, tuzamenya gusa niba ari bibi cyangwa atari bibi. “Kandi nzashyira urwango hagati y'Urubyaroo rwawe n'urubyaro rw'inzoka.” Ni ibiki? Urubyaro rw'inzoka! Yari afite Urubyaro, kandi nayo yari ifite urubyaro. “Kandi Azayikomeretsa umutwe, nayo izamukomeretsa agatsinsino.” Kandi *igikomere*, aho, bisobanura “gukora Impongano.” Noneho harimo “imbuto” yawe y'inzoka.

Noneho, itegereze, hano haje aba bagabo babiri.

¹⁶³ Noneho, iyi nzoka, igihe yari ihagaze aho, igihangange kinini cya mugenzi we cyahagaze aho, yahamwaga n'icyaha cyo gusambana n'umugore wa Adamu. Uyu muni icyaha kiri he? Ni iki gituma ibintu bimeze uko bimeze muri iki gihe? Ubu, nda—nda . . . Ni ukuri ushobora gufata ibyo mvuga. Kandi byari hariya.

Kandi amaze kubikora, Imana yaravuze, yatangiye guhamagara Eva na Adamu.

Nuko aravuga ati: “Nari nambaye ubusa.”

Nuko Iramubaza iti: “Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa?”

164 Noneho batangira ku, imyambarire y'ingabo, baterana amagambo. Aravuga ati: "Ni byiza, umugore Wampaye, yarabikoze. Ni we wanshutse."

165 Umugore aravuga ati: "Inzoka yampaye pome"? Ni byo, mubwiriza, jya iruhande rwawe.

166 Yaravuze ati: "Inzoka yaranshutse." Waba uzi icyo *gushuka* bisobanura? bisobanura "kurimanganya." I...we...inzo... satani ntiyigeze amuha pome. "Inzoka yaranshutse."

Hanyuma umuvumo uraza.

167 Yaravuze ati: "Kubera ko wumviye inzoka mu cyimbo cy'umugabo wawe, wakuye Ubuzima mw'isi. None uza—uzagwiza intimba zawe; kandi igitekerezo cyawe kizaba ku mugabo wawe," n'ibindi.

168 "Nawe kubera ko wumviye umugore wawe, aho kunyumvira Jyewe (Nagukuye mu mukungugu; ubwoko buruta ubundi), uzasubira mu mukungugu wawe."

169 "Kandi, nawe wa nzoka we, kubera ko wabikoze, utakaje amaguru yawe. Guhera ubu uzajya ugenda ukurura inda, iminsi yose y'ubuzima bwawe. Kandi uzangwa. Umukungugu uzaba inyama zawe." Aho ni ho muri. Hariho iyo nkomoko iduhuza yabuze.

170 Noneho haje Gahini. Reka turebe kamere. Hano haza Gahini. Ni igiki? Ni umucuruzi w'umunyabwenge. Ahinga imirima. Arasobanutse, umunyabwenge; umunyedini, umunyedini cyane; murebe ibye—murebe ibimuranga ubu. Gusa tugendere hamwe mu minota mike gusa.

171 Hano araje. Azi ko afite imico myiza. Ashaka kujya mu rusengero. Amwubakira itorero, amugira ituro. Azana igicaniro, n'ibindi byose. Yubatse igicaniro, ashyiraho indabyo. Ashyira umurima... imbuto zo mu murima, azitambira Imana. Yaravuze ati: "Muri hano, Mwami. Nzi ko turya pome, ni cyo cyabiteye." Bimwe mu byo yatanze bifite igitekerezo kimwe. Byerekana aho bituruka. Yazanye pome ze, azikuye mu murima, azirambika aho, aravuga ati: "Ibi bizatanga impungano."

Imana yaravuze iti: "Ntabwo yari pome."

172 Ariko, kubwo guhishurirwa k'umwuka, Abeli yari azi ko ari amaraso. Azana umwana w'intama, arawukinja, urapfa.

173 Imana iravuga iti: "Ni byo. Uko ni ko yabikoze. Yari amaraso." Uzi amaraso mvuga ayo ari yo. Byose ni byo. "Amaraso ni yo yabikoze."

174 Noneho murebe. Hanyuma, Kayini abonye murumuna we uwera-wemewe imbere y'Imana, n'ibimenyetso n'ibitangaza byamuherekezaga, amugirira ishyari. Yaravuze ati: "Turaza guhagarika ibi bintu nonaha." Murebe barumuna be, murebe abana be, uyu munsu. "Noneho, ndi umunyabwenge kumurusha,"

nuko ararakara. *Uburakari* bwaturutse he? Mushobora kuvuga ko uburakari...? Yishe murumuna we. Yari umwicanyi.

¹⁷⁵ Mushobora kwita Imana umwicanyi? Kandi Adamu yari umwana w'Imana. Bibiliya yaravuze, ngo: "Adamu yari umwana w'Imana," iyo ntangiriro yejeje. Adamu yari umwana w'Imana. Kandi urwo rwango n'ishyari, n'ibintu byose, ntibishobora kuva muri uwo muvandimwe mwiza.

¹⁷⁶ Byagombaga kunyura ahandi. [Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.] Kandi bizanwa na Satani, wari umwicanyi, uhereye ku ntangiriro. Bibiliya iravuga iti: "Yari umubeshyi n'umwicanyi, uhereye ku ntangiriro." Kandi hari aho. Maze yica murumuna we.

¹⁷⁷ Kandi ibyo byashushanyaga urupfu rwa Kristo. Hanyuma, muri ibyo, birumvikana ko yahagurukije Seti kugira ngo amusimbure aje mu mwanya we. Urupfu, guhambwa, n'izuka rya Kristo.

¹⁷⁸ Kandi murebe rero, hano haza ibihangange byanyu. Kayini ajya mu gihugu cya Node. Niba papa we yari igihangange kinini kuri mugenzi we, Kayini yaba ameze ate? Papa we. Ajya mu gihugu cya Nodi, afata umwe muri bashiki be.

¹⁷⁹ Ni yo nzira yonyine yashoboraga gukora. Nta bandi bagore bariho bashoboraga kuza, uretse gusa binyuze kuri Eva. Bavugaga ko bafite abahungu n'abakobwa mironko irindwi. Niba—niba nta mukobwa wari uhari... Bibiliya ntabwo yandika igitsina gore iyo bavutse, yandika gusa abagabo. Kandi noneho, niba nta mukobwa uruta Eva, igihe yapfaga, umuryango w'abantu waretse kubaho. Yagombaga kugira abakobwa. Yagombaga kurongora mushiki we.

¹⁸⁰ Yagiye mu gihugu cya Nodi abona—abona umugore we. Amaze kumurongora aho, ni ho basanze ibyo bihangange bikomeye, ari byo byari abana b'Imana baguye; Ni bande baje banyuze kuri papa wabo, satani, banyuze kuri Kayini. Hano hari inkomoko itaboneka.

¹⁸¹ Kandi murebe urubyaro rw'inzoka. Noneho murebe. Mwibuke, Urubyaro rw'inzoka ni idini. Nimwitegereze itangiye kugenda nonaha, mu minota mike. Hano iragenda, urubyaro rw'inzoka. Byabagendekeye bite? Noneho reka nsome ikintu hano, nanditse gusa nyuma ya saa sita.

¹⁸² Ni ibiki biva mu rubyaro rwa Abeli? Nimwumve ibi. Byose. Haza Abeli. Abeli amaze kuza hakurikiraho Seti. Seti amaze kuza haza Nowa. Nowa amaze kuza haza Shemu. Shemu amaze kuza haza Aburahamu. Aburahamu amaze kuza haza Isaka. Isaka amaze kuza haza Yakobo. Yakobo amaze kuza haza Yuda. Nyuma ya Yuda haje Dawidi. Dawidi amaze kuza haza Kristo, kugera ku ugutungana.

¹⁸³ Musubize amaso inyuma uko Umwuka w’Imana Wabaga muri Abeli. Murebe uko Wabayeho muri Seti. Murebe uko Wabayeho muri Yuda. Murebe uko Wabayeho muri Dawidi. Murebe Umwuka umwe uhamagara, binyuze muri izo mbuto zikiranuka, mu uryo bwose. Hatitawe ku cyo baba barakoze cyose, bari baratoranijwe mbere.

¹⁸⁴ Murebe Yakobo, umwanda...Simvuze ibi binyuze mu bitambo. Ariko Yakobo, umunyesoni nkeya, yiziritse muni y’umwenda wa nyina igihe cyose; yiruka, umuhungu muto. Yamutegetse ibintu, maze ajya gushuka se, kugira ngo abone umugisha; ariko yari yarawuhawe mbere y’uko isi iremwa. Ni ukuri.

¹⁸⁵ Yagiye aho hantu maze abeshya sebukwe; hanyuma afata inkoni zifite udusimba, inkoni ziriho udukangisho, azishyira mu mazi, kugira ngo atere ubwoba izo nka zari zifite amezi; kugira ngo zibone kubyaza inka z’ibibamba, kugira ngo abashe kuriganya no kubakuraho inka. Imana yamuhaye umugisha muri yo. Ni byo.

¹⁸⁶ Azabona ishyano umuntu wese uvuga ibya Yakobo. Muzi ko—muzi icyo umuhanuzi w’ikinyoma yavuze. . . Cyangwa, yahanuye neza. Balamu ati: “Umuntu wese uzamuha umugisha azahirwa, kandi uzamuvuma wese azavumwa.”

¹⁸⁷ “Naramutwaye, Yakobo. Namusanze nka a...nko mu gihugu kidasanzwe. Mu gihe ikizu cyakanguraga icyari cyacyo, naramukanguye ndamusohora.” Haleluya! “Ntabwo ari imbaraga, ntabwo ari ubushobozi, ahubwo ni Umwuka Wanjye, ni ko Uwiteka avuga.”

¹⁸⁸ Nimwitegereze ibyo bikomoka kuri uko gutungana. Uwo Mwuka wakoraga kugeza ku gutungana muri Kristo, umanuka kuri buri wese muri basogokuruza, uramanuka neza. Batitaye ku byo bakoze, ibyo bavuze, ibyo bakoze, rwose bari imbuto yo gukiranuka.

¹⁸⁹ Kandi, hano, Ubwo umukiranutsi Aburahamu... Icyubahiro kibe icy’Imana! Yego, ndumva ari byiza rwose. Igihe umukiranutsi Aburahamu yahuraga na Melikisedeki, Imana ubwayo!

¹⁹⁰ Melikisedec yari muntu ki? “Umwami wa Salemu, akaba Umwami wa Yeruzalemu, Umwami w’amahoro. Nta se yari afite. Nta nyina yari afite. Ntiyigeze agira intangiriro y’iminsi, cyangwa iherezo ry’ubuzima.” Buri gihe Uwo ari We, aracyariho. “Ntiyigeze avuka. Ntazigera apfa. Ntiyigeze agira se cyangwa nyina. Ntiyigeze agira intangiriro y’iminsi, cyangwa iherezo ry’ubuzima.” Mbwira Uwo yari we. Imana Ihoraho; mu byo twita i... .

¹⁹¹ Yoo, nibagiwe gusa icyo twabyita ubu. Tewofaniya, ni icyo ari cyo. Nka... Ntabwo ari umugani; ariko nyamara ni ikintu cyagaragaye gusa. Nk’uko Yaje kwa Aburahamu hariya

mw'ihema hejuru, nk'umumalayika, maze agahanura, akabwira Sara ngo arasetse, inyuma Ye, n'ibindi n'ibindi. Ikintu, ikintu kimwe.

¹⁹² Kandi Yari ari hano. Yahuye na Melikisedeki. Kandi sogoku...sogokuruza Aburahamu, mu rubyaro rw'abakiranutsi, yahaye Melikisedeki icya cumi; kandi yahawe umwuzukuruza we aho, urubyaro rw'intungane.

¹⁹³ Noneho haza urubyaro rw'i—rw'inzoka. Noneho, mwibuke, hazabaho inzangano, intambara hagati yabo.

¹⁹⁴ Urubyaro rw'inzoka ruraza, kandi rutanga iki? Noneho reka dufate imyaka mike ya mbere. Noneho reba ibibera aho. Turaza kubisoma neza, 'kubera ko maze kubigenzura. Urubyaro rw'inzoka rwabyaye Kayini. Kayini yagiye mu gihugu cya Node, abyara ibihangange, hanyuma bagera mu gihugu cya Nowa.

¹⁹⁵ Bari abanyabwenge, barize, abantu bafite ubwenge. Si byo? Bari abubatsi, abahimbyi, abahanga; Ntabwo byanyuze mu rubyaro rw'abakiranutsi, ahubwo byanyuze mu rubyaro rwa Satani, inzoka. Bari abagabo nk'abo—nk'abahanga, n'abubatsi, n'abantu bakomeye, abarezi. Ibyanditswe birabivuga. Bacuraga imiringa. Batunganyaga ibyuma. Bakoraga ibyuma. Bahimbye ibintu. Bahinduye ibyuma bitandukanye, bubaka amazu, n'ibindi. Ibyanditswe birabivuga. Kandi bari abashinyaguzi ku rubyaro rw'umugore, Nowa, umukiranutsi. Ni byo?

¹⁹⁶ Reka tubakurikirane gato kurushaho. Noneho, turazamuke tubasange ku nkuge, ibintu byose byarasenyutse. Binjiye mu ihuriro ry'icyaha, kandi bafashe itegeko, maze bagira ubuhanga n'ubwenge. Kugeza aho, Imana yarebye hasi, ibona ko hatagisigaye benshi cyane, nuko Ifata Nowa n'umuryango we ibinjiza mu nkuge, maze imvura iragwa, irimbura ibintu byose. Yafashe Enoki, mbere ya byose. Ibyo si ukuri? Hariho imbuto zose, hafi imbuto zose; ariko Ifite intego igomba kugerwaho.

¹⁹⁷ Noneho, Nowa n'abahungu be barasohoka, Hamu, Shemu, na Yafeti, basohoka mu murongo ugororotse.

¹⁹⁸ Ni gute imbuto yigeze ibasha kwisubira? Imbuto ziza mu nkuge, nk'uko byagenze mu ntangiriro, binyuze ku mugore, abagore babo. Batwaye imbuto ya Satani, banyuze mu nkuge, nk'uko Eva yatwaye imbuto ya Satani, kugira ngo abyare Kayini, abinyujije ku mugore.

¹⁹⁹ Mushyira abagore ku ruhimbi rwanyu bakabwiriza, Bibiliya irabyamagana! Pawulo ati: "Niba hari umuntu wibwira ko ari umuhanuzi, cyangwa ko afite Umwuka, reka amenye ko ibyo mbandikiye ari itegeko ry'Umwami; ariko umuntu natabyemera, na we ye kwemerwa."

²⁰⁰ Ni yo mpamvu nasohotse mu itorerero ry'Ababatisita hepfo aha. Mwene data Fleeman yari ari hano mu gihe gishize; Ndatekereza ko yari ahari muri iryo joro. Dr. Davis yaravuze

ati, “Uzahaguruka hano kandi ushyireho abo bagore babe ababwiriza.”

Ndavuga nti: “Ntabwo nzabikora. Oya.”

Aravuga ati: “Ni byiza, nzaguta hanze.”

²⁰¹ Ndavuga nti: “Najugunywe hanze neza.” Ndavuga nti: “Iri ni Ijambo ry’Imana, kandi ryamagana icyo kintu. Kandi sinshobora kwihanganira ibyo Imana yamaganye.” Oya, mugenzi.

²⁰² Igihe cyose uwabikora wese, aba yerekana ko ari umwigisha w’ibinyoma, abahanuzi b’ibinyoma. Bibiliya yavuze ko bazabaho. “Bazashuka n’intore niba bishoboka.” Murakurikiye.

²⁰³ Mwitagereze ubu. Kuva aho rero, haza Hamu, Hamu hamwe n’umugore we, hamwe nabo. Yari yaturiweho umuvumo. Kuva kuri Hamu haza Nimurodi, wubatse Babuloni. Muri Babuloni havuyemo kiliziya Gatolika, intangiriro yayo. Mumanuke mugere kuri Ahabu. Mumanuke muve kuri Ahabu, muje kuri Yuda Isikariyoti; musozereze kuri, antikristo.

²⁰⁴ Kandi muri iyi minsi ya nyuma, hano hari umwuka wa antikristo n’Umwuka wa Kristo. Umwuka wa antikristo, uravuga uti: “Iminsi y’ibitangaza rangiye.” Umwuka wa Kristo, uravuga uti: “Uko yari ari ejo, n’uyu munsu ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose.” Umwuka wa antikristo uravuga uti: “Ntacyo bihindura naho wabatizwa muri ‘Data, Mwana, Umwuka Wera,’ gusuka, kuminjagira, ibyo ari byo byose, bisobanura ikintu kimwe.” Bibiliya yavuze ko Imana idakosa, kandi ntishobora guhinduka. Ni nde mugiyeye gukorera? Birabareba.

²⁰⁵ Noneho muravuze muti: “ishobora kubangikana? muravuze, ngo, hariya muri ubwo bwato, mwene Data Branham, hari harimo Hamu na Seti.” Ni byo, ni byo rwose. Hamu yari mubi. Seti yari uwemera Imana kandi akiranuka. Ni byo.

²⁰⁶ Reka dukurikire Hamu. Ni byo, noneho, hariho Hamu na Seti mu bwato bumwe; umwe akiranuka, undi akiranirwa. Hariho inkongoro n’inuma mu nkuge imwe. Hariho itorero rya Yuda n’irya Yesu. Hariho antikristo n’Umwuka Wera mu itorero rimwe.

²⁰⁷ Kandi, uyu munsu, iyo myuka imwe irakora. “Bagira uburyo bwo kubaha Imana, abanyamadini cyane, ariko bafite uburyo bwo kubaha Imana no guhakana Imbaraga zayo; Uhereye aho.” Umwuka Wera, uravuga uti: “Yesu Kristo uko yari ari ejo, n’uyu munsu ni ko ari, kandi ni ko azahora iteka ryose.” Ni uruhe ruhanda uzahitamo?

²⁰⁸ Antikristo avuga ko *Iki* ari igitabo cy’imyemerere gusa. “Dusubiramo imyizerere y’intumwa.” Ndasaba umubwiriza wese kumbwira aho Imyizerere y’Intumwa iboneka muri Bibiliya: “Nizera Imana, Data Ushobora byose, Umuremyi w’ijuru n’isi; Yesu Kristo, Umwana we. Nizera Kiliziya Gatolika

Ntagatifu y'i Roma, gusangira kw'abera." Ibyo ubisanga he muri Bibiliya? Kandi nyamara mubisubiramwo mu matorero yanyu magari y'Abametodisite n'ay'Ababatisita. Ni inyigisho ya satani, kandi abahanuzi b'ibinyoma barabyigisha.

²⁰⁹ Kandi nizere ko ntakomeretsa ibyiyumvo byanyu, ahubwo mbihambiriye kuri uru rusengero. Wowe uri hano ku Rusengero rwa Branham, irinde ibintu nk'ibi. Ikintu cyose kigusunikira kwizera gusangira n'abatagatifu ni ubupfumu. "Hariho umuhuza umwe hagati y'Imana n'abantu, kandi uwo ni Umugabo witwa Yesu Kristo." Ntukite ku mubare wa ba Mariya bariho!

²¹⁰ Murareba uko urubyaro rw'umugore rwagarutse hariya n'ibyo rwakoze? Murareba uko urubyaro rw'umugore rwitwaye hariya?

²¹¹ Murareba uyu munsu, muri Amerika. Amerika ni imbuto ya satani. Ni iki? Ni igihugu cy'umugore. Mwarabyumvise, "Iyi ni isi y'umugore." Ni byo. Ni igihugu cy'umugore. Bashyizeho icyitegererezo.

²¹² Nagiye hano, nta gihe kirekire gishize, mu Busuwisi. Abagore bavuga... Umugore muto muto ufite Umwuka Wera yaravuze ati: "Murabizi, iyo ngiye muri Amerika, bavuga ko abagore baho bafite umudendezo."

²¹³ Ndavuga nti: "Reka nkubwire icyo biganishaho." Nuko ntangira kumutekerereza.

Aravuga ati: "Yoo, mbabarira, ibyo byose nta na kimwe nshaka."

Ndavuga nti: "Aho ni ho biganisha."

Murabizi, hariya ntabwo bakora ibintu nk'uko babikora hano.

²¹⁴ Ni ibiki? Reka mbereke ko Amerika ari umugore. Ku giceri cyacu hariho ifoto y'umugore. Ibintu byose hano ni umugore.

²¹⁵ Mumbwire, ntihariho ibikoresho bihagije mu gihugu, mwashyira... mwashyizeho ibigera kuri mirongo ine muri uyu muji, hanyuma mushyiraho indaya eshatu, z'abagore beza-b'ibishongore mu muhanda; bazohereza abantu benshi ikuzimu, babararikira, kuruta ibikoresho byose mushobora gushyira muri uyu muji. Ni byo rwose.

²¹⁶ Ni inde noneho? Ni umugore. Ni ki? Ni imana yo muri Amerika.

²¹⁷ Mufate bamwe muri aba bakinnyi ba filime ba kera; bahaguruka hano bakarongora inshuro enye cyangwa eshanu, babana n'abagabo batatu cyangwa bane batandukanye icyarimwe; na bimwe muri ibi binyamakuru bibashyira ahagaragara, bikababwira gufata amashusho yabo yambaye ubusa ahongaho. Namwe bakobwa bato mubifate nk'urugero

rwanyu, (kubera iki?) kubera ko mama wawe ari imbere yawe, wenda, nyogokuru wawe na we ari imbere yawe. Murabona aho urwo rubyaro rw'inzoka rukorera? Rwose, ni ko bimeze.

²¹⁸ None se ni iki cyakozwe? Niba gukiranirwa ari ugusura ibisekuruza cumi na bine, hakurikijwe amategeko, ibicumuro bizagenda bite biramutse bisuwe muri iki gihe, igihe urubyaro rw'intungane rugiyeye gukorwaho? Kandi Imana yavuze ko hazabaho igihe, Iramutse itagabanije akazi, nta n'umwe wasigara. Turi mu gihe cya nyuma. Cyo guhiga abakiranutsi muri iri joro; Banyura mu migi!

²¹⁹ Yoo, ubona abayoboke b'itorero biyubashye nk'Abatisita n'Abaperesipiteriyeni, n'abandi, nk'uko bishoboka. Ariko ntaho bahuriye cyane n'Imana nk'uko urukwavu rwakwambara udukweto tururinda mu gihe cy'urubura. Ntukagire icyo ubimenyaho! Ibyo bazi byose: "Mbese uri Umukristo?"

"Ndi Umunyagatolika."

"Uri Umukristo?"

"Ndi Umubatisita."

"Uri Umukristo?"

"Ndi Umuperesipiteriyeni."

"Uri Umukristo?"

"Ndi Umupentekote." Ibyo ntaho bihuriye na byo.

²²⁰ Uri Umukristo kuko iyo Mana, ku bw'ubuntu Bwayo, iragukiza. Kandi urabizi. Kandi hari ikintu cyahinduye ubuzima bwawe, ubaho ukundi gutangukanye na mbere. Nuko ukaba umuntu mushya n'ikiremwa muri Kristo Yesu. Rwose.

²²¹ Ariko se murabona aho urubyaro rw'inzoka ruri? Imbuta z'inzoka zari izihe? Ubusambanyi. Murakurikira? Ubusambanyi na Eva. Byagenze bite? Ni iki cyazanye ibyo? Iri joro ni iki?

²²² Musubize amaso inyuma gato, mu myaka mike ishize, igihe iyo ndirimbo ya mbere yasohokaga. Mwa bantu bakuze mwe, iyo i... Bakundaga kugenzura indirimbo mbere y'uko bareka ikarimbwa kuri radio. Kandi iyambere yasohotse, yari iyo, "Muzunguruke, abakobwa, muzunguruke, mwerekana intege zanyu nziza," n'ibindi byose nk'ibyo. "Musekere papa na mama, hanyuma mubahe bese agatwenge 'ha-ha-ha!'" Ni we wa mbere baretse akabinyeramo. Mutekereza ko umusore ari he muri iri joro umwe wanditse ya ndirimbo? Yarapfuye.

²²³ Mutekereza iki kuri Clara Bow, usohoka bwa mbere akavuga, *Imirongo iteye Akaga*, no kwambara ubusa byohereje abantu ibihumbi n'ibihumbi ikuzimu? Mutekereza ko ari he iri joro? Hashize igihe kirekire apfuye. Ari he, hamwe n'uwo mubiri we? Aryamye hariya, waboreye mu mukungugu, wariwe n'inyo n'inzoka. Kandi roho ye irambaraye imbere y'Imana Ikiranuka.

224 Ari he umugabo wafashe uriya mugore akamukoreshereza ubushwambagara bw'imyenda yanduye ari yo ubu bambaye, akabasunikira bese mu buryo bumwe n'ubundi, no kubahindura uko batari? akavuga ati: "Bari kubikoraho iki? Kubera iki wambara ibintu nk'ibi?" Impamvu ni uko ushaka ko abagabo bakureba, kandi nta bundi buryo bwo kubigaragaza.

225 Kandi uzi ko iyo ukoze ibyo, umunyabyaha akakureba, uzi uko bigenda? Urubanza mu rukiko... Uravuga uti: "Mwene Data Branham, Ndi umunyakuri ku mugabo wanjye uko nshoboye." Uzafatwa nk'uwakoze icyaha cyo gusambana. Yesu yaravuze ati: "Umuntu wese ureba umugore akamurarikira aba yamaze gusambana na we mu mutima we." igihe uriya mugabo agomba gusobanura iby'ubusambanyi bwe, ni nde uzaba wabiteye? Uburyo wiyambitse n'uko wigaragaje.

226 Noneho, sinshaka kuvuga ko ugomba kwambara ikindi kintu kitari nk'icyo mu kabyiniro. Ariko, wagerageza gusa n'umugore.

227 Sohoka hano wiyambure, ikabutura yawe ngufi, hanyuma uhambireho akaziriko gato nka *gutyo*, n'umwana wawe n'amaso ye ameze nk'ayagasahani k'ivu ry'itabi, ufite itabi mu kanwa, uagenda mu muhanda. Ntabwo ubikora kubw'intego nziza. Ushobora kuba umwere mu by'ukuri, ariko satani akakugira igikoresho nk'uko yabikoze Eva.

228 Kuki ari igihugu cy'umugore? Kubera ko biganisha neza ku kuganza kwa Gatolika. Uyu muni ni iki? Ntimushobora kumva bavuga Yesu. "Ndakuramutsa Mariya! Mariya, nyina w'Imana! Mutagatifu Cecilia!" Ubwoko bwose bw'abatagatifu, abera bapfuye. Nta gihe gishize, hasi muri... .

229 Nari muri Mexico, umwaka ushize. Hano haza umugore w'umukene, uagenda akururuka. Amavi ye, ibiyobyabwenge byose nka *gutyo*, kandi akabihisha; asakuza, afata mu biganza bye. Se agendagenda hafi aho, apakira abana babiri bato, bararira; nyina arababara; 'Kubera ko umugore runaka, bita umutagatifu, yapfuye. Bashyize ikibumbano cye hejuru ku musozi. Umukunzi umwe bakundanaga ni we wamwishe. Kandi akimara kwicwa *gutyo*, birumvikana ko yabayeho umutagatifu; yari Umunyagatolika. Noneho rero yari agiye, kwihana; kandi yagombaga gukora ibirometero bibiri, hejuru y'amabuye, kugira ngo yihane.

230 Mwene Data, niba hari ikintu kimwe nnyewe ngomba gukora, Yesu Kristo yapfiriye ubusa. Kubw'ubuntu, narakijijwe; kandi ntabwo—ari ku bwanjye, ahubwo ni ku bushake bw'Imana, no ku bwiza bw'Imana.

231 Abanyamakuru babo barambajije, baravuga bati: "Bwana. Branham..." U—umwana muto, wapfuye yari yarazuwe, kandi hari ibintu bike hariya. Ibihumbi mirongo itatu by'Abanyagatolika... Oya, mumbabarire. Byari ibihumbi makumyabiri. Ibihumbi mirongo itatu ni Afurika.

Abanyagatolika ibihumbi makumyabiri bakiriye Kristo nk'Umukiza ku giti cyabo, icyarimwe, igihe ibyo byabaga, wari uhagaze mu mujyi wa Mexico. Kandi abo bapadiri, ntacyo bashoboye kuvuga; ngo babwire imbaga, hatangira imvururu. Bari bafite benshi babashyigikiye. Nuko aravuga ati: "Bwana Branham, wizera ko abera bacu bashobora gukora ibintu bimwe nk'ibyo ukora?"

²³² Nzi inyigisho zabo, maze ndavuga nti: "Ni byo, niba babaho." Murareba? Ntabwo rero, ntushobora kuba umutagatifu w'Umunyagatolika kugeza upfuye, urabizi.

Nawe ati: "Yoo, ntushobora kuba umutagatifu kugeza upfuye."

²³³ Ndavuga nti: "Ibyo ubisoma he? Pawulo aravuga ati: 'Ku bera bari mu Efeso, no ku bahamagawe n'Imana. 'Ku bera bari muri Efeso, yasomaga ibaruwa ye; kandi abera bari ahandi, muri Galatiya, na—na 'abera b'i Roma,' n'ibindi. *Abera*, 'babandi bejewe.' Mbega ibyo ni ibiki?"

²³⁴ Yaravuze ati: "Nyine, noneho, ntidukwiye kuja impaka kuri Bibiliya. Kubera ko, turi itorero, ni byo itorero rivuga. Ntabwo dushishikajwe n'ibyo Bibiliya ivuga. Ni byo itorero ryavuze." Ati: "Ni ikihe gitekerezo cyawe noneho kuri kiliziya Gatolika?"

²³⁵ Ndavuga nti: "Nifuzaga ko utabimbaza. 'Kubera ko ubimbajije, ngiye kukubwiza Ukuri."

Aravuga ati: "Ni byiza, ndashaka ko umbwiza Ukuri."

Ndavuga nti: "Uburyo buhanitse bw'iby'umwuka nzi."

Aravuga ati: "Ibyo ubyumva ute?"

²³⁶ Ndavuga nti: "Ikintu cyose gisabira abapfuye ni icy'iby'umwuka." Ndavuga nti: "Niba uwo mutagatifu asubije, ubwo aba ari ikuzimu. Kubera ko, abo bamaze kwambuka inzira, Mana—Mana yanjye Bibiliya ivuga ko badashobora kugaruka." Ni byo. Nanjye nti: "Niba ari byo, niba yari umutagatifu, ni satani uvuga nk'uwera, kandi ntabwo ari umutagatifu, erega."

²³⁷ Na we ati: "Ni byiza, ubu, umunota umwe gusa." Ati: "Usabira n'abapfuye, nawe."

Ndavuga nti: "Hehe?"

Aravuga ati: "Yesu Kristo yarapfuye."

²³⁸ Ndavuga nti: "Ariko arazuka. Ntabwo Yapfuye. Ahubwo Ariho, kugira ngo adusabire, kandi ni We muhuza wenyine hagati y'Imana n'abantu."

²³⁹ "Ndi We uwari warapfuye, none akaba ari muzima, kandi ndi muzima ubuziraherezo. Mfite urufunguzo rw'urupfu n'ikuzimu." "Ushaka wese, aze anywe amazi ku buntu amazi y'Ubugingo." Imana ihabwe icyubahiro! Iyo ni Imana yacu. Iyo ni Imana yacu.

²⁴⁰ Kandi urubyaro rw'intungane ruri hafi yo kurangira. Muganire n'abantu kuri ibi bintu. Muganire n'abantu ku byerekeye gusubira mu buryo bwa Bibiliya. Muganire n'abantu ku byerekeye ibitangaza. Muganire n'abantu ku byerekeye ibyo. "Iby'itorero ryabo ntukabyizere," rero ni abana babi, ku Mana. Bibiliya yavuze niba tudashobora kwihanganira ingorane, n'ibigeragezo, gushinyagurirwa, no kwitwa "abera bikunenga hasi" n'ibindi, nk'ibyo, niba mudashobora kubyihanganira, muri abana babi, kandi ntabwo muri abana b'Imana. Bibiliya irabivuga.

⁻²⁴¹ Munyite "uwera-wikunenga hasi," niba mubishaka. Mumpamagare icyo mushaka cyose. Igihe cyose umutima wanjye uhamanya n'Imana, kandi uburambe bwanjye buhuye na Bibiliya y'Imana, ndimo kugenda neza muri iki cyerekezo kimwe. Ni byo, mugenzi. Ni byo twemera. Ngiryo Itorero ry'Imana nzima, ridaturuka kuri tewolojiya. Ntabwo rituruka kuri bamwe baremwe nk'abantu, ibitekerezo by'ubwenge. Rituruka ku ukuri guhishuwe rwose ko Yesu Kristo ari Umwana w'Imana.

²⁴² Iyaba nari mfite igitekerezo cy'ubwenge gusa, kubera ko itorero ry'Ababatisita cyangwa itorero rya Metodisite ryanyigishije ko ibintu *ibi-n'-ibi*, iyo numvise iyi Bibiliya, niba Bibiliya... Niba narabatijwe mw'izina rya "Data, iry'Umwana, n'iry'Umwuka Wera," kandi nkansoma iyi Bibiliya, n'umuvugabutumwa akambwira ko nta muntu wo muri Bibiliya wigeze abatizwa uretse mw'Izina rya Yesu Kristo, kandi nkabisoma mbona ari Ukuri, Nacaniriye amazi vuba bishoboka. Ni byo, mugenzi.

²⁴³ Niba hari umuntu wabimbwiye ko—ko Yesu Kristo yari umuvuzi ukomeye, Itorero ryanjye rikambwira riti: "iminsi y'ibitangaza yarahise," kandi nari nkeneye gukira, nari kwiruka vuba uko nshoboye, nkajya kuri kiriya gicaniro, kugirango nkire. Nzi neza ko nari kubikora.

²⁴⁴ Niba nari umubwiriza, kandi nkagira u—umubwirizabutumwa w'umugore ku gicaniro cyanjye, kandi narasomye muri icyo Bibiliya nkabona ko umugore atagomba kubwiriza, nari kumuvana aho, niba byari byanciyeho.

²⁴⁵ Mwibuke, mwicaye inyuma aho Mushikiwacu Wright ari, ijoro rimwe, ko umugore yari agiye kunjugunya hanze kubera gukora ibintu nk'ibyo. Yego mugenzi. Naravuze nti: "Ntabwo uza mu itorero ryanjye hamwe n'abantu bawe ba kera..." Iyo bakundaga kwambara, cyangwa gukata imyenda yabo gutya, n'ibintu bisa-n'ibisekeje, hafi kimwe cya kabiri cy'umubiri wabo bakigaragaje. Naravuze nti: "Nibaramuka baje mw'itorero ryanjye, nzi neza ko nzabashyira hanze." Kandi n'umukobwa wari umunywa-rumogi hano, yapfuye bidatinze; hanyuma arampamagara, arimo gusamba. Yari umukobwa

w'Umunyagatolika, azamuka hariya maze ararwicarana nka gutyo. Nasubije amaso inyuma ndamutata, yicaye hano, barimo kuririmba. Nakuyemo ikoti ryanjye, nsubira inyuma aho ari, ndimufubika ku bitugu. Naravuze nti: "Madamu, niba ugiye kuntega amatwi mbwiriza, ushobora kwambara iri koti mu gihe uri mw'itorero ry'Imana." Murabona? Ni byo.

246 Yarasimbutse aho, azamura iminwa ye mito hejuru. Asohoka mu nyubako. Yaravuze ati: "Niba yarabonye iyobokamana, ntabwo natuma inka yanjye igira iyobokamana nk'iryo."

Naravuze nti: "Ntugire impungenge, ntaryo izagira."

247 Ubwo twari mw'ihema, barampamagara igihe yari arimo gusamba. Yarwaye umutima, yari arimo gusamba. Umugabo we araza. We ati: "Birashoboka, ngwino vuba!" Kandi muri ako kanya nari ndi mu materaniro. Umuhungu munini, muremure, uhagaze ku muryango, antegereje. Nuko ndiruka nk'aho. . .

248 Ninjiye mu modoka yanjye ndiruka njyayo. Nkizamuka, nahuriyeyo n'uwo muforomo ushaje, utuye muri Howard Park, ubwo. Yarambwiye ati: "Mushumba mukuru, nta mpamvu yo kuza." Ibyo bimaze imyaka igera kuri makumyabiri ishize, wenda byagenda neza. Ati: "Yapfuye." Ati: "Hashize nk'iminota itatu apfuye." Ati: "Yaratakambiye cyane uko ashoboye, ku bwawe." Ati: "Mfite ubutumwa bwe."

Ndavuga nti: "Ni ubuhe?"

249 Yaravuze ati: "Umbwirire uriya mubwiriza, uti ku byerekeye ibyo navuze, 'Nyamuneka ambabarire.'"

250 Naramanutse njyayo kumureba. Umugore mwiza; kandi yari yarababajwe cyane. Yari afite uduheri duto ku zuru; umugore mwiza. Kandi uduheri, twasaga, n'utwagaragaye. Amaso ye yari yahenengeye mu bitsike, yahindukiye asubira inyuma. Nyamara, amara ye n'impayiko byari byimutse, kandi umwuka uzamuka hejuru y'igitanda, nka gutyo.

251 Umugabo we arandeba, aravuga ati: "Mwene Data Branham, vuga isengesho, 'kubera ko yashakaga kukubona.'"

Ndavuga nti: "Isengesho kuri we ubu ntacyo ryamara."

252 "Aho igiti gihengamiye, ni ho kigwira." Murareba? "Ntukishuke; Imana ntisebanya. Umuntu wese ibyo abiba, ni byo azasarura."

253 Murabona aho bigeze? Noneho se byagenze bite? Kubona umugore akora ibyo. Kubona abagore babayeho inyuma yaho, umukobwa w'umuririmbyi muri korari, ari we wari umukobwa we? Umucuranzi. Umukobwa wiyambika ubusa ni bwoko iki? Umwangavu w'injyana ya Rock and roll. Umukobwa we azaba igiki? Hum! Ibi ni ibiki?

Murebe urubyaro rw'abakiranutsi?

254 Mwirebe namwe Ababatisita. Musubire inyuma gato. Musubire kuri John Smith, uwashinze, mwebwe Ababatisita. Igihe, yasengaga asabira gukiranirwa kw'abantu, kugeza, ubwo yariraga kandi asengera abantu kugeza ubwo amaso ye abyimbye agahumiriza, n'umugore we yagombaga kumugaburira ku meza, ifunguro rya mu gitondo.

255 Namwe Bametodiste, hirya no hino, mufite imitako mu mazuru no ku matwi yanyu hose, kandi mugasa n'uruhande rwa satani; no gusohoka, mwambaye amakabutura, n'ibindi nk'ibyo! Iyo, umusaza John Smith, umwe mu bakuru b'itorero rya Metodiste, mbere y'uko apfa afite imyaka mirongo inani n'itanu, yabwirije ikibwiriza kigufi imyaka ine, cyangwa, amasaha ane. Bagombaga kumuterura bakamushyira ku gicaniro. Kandi dore amagambo ye yanyuma. Yaravuze ati: "Ndumiwe cyane ku bikorwa by'itorero rya Metodiste." Ati: "N'abakobwa b'itorero rya Metodiste bambaye impeta za zahabu ku ntoki zabo." Ni iki yavuga ubu, bambaye amakabutura, baririmba muri korari?

256 Wakoze neza. Byagenze bite? Urimo gukora nka mama wawe. Ni byo rwose.

257 Ni yo mpamvu tudashaka ko hagira na rimwe muri ayo madini akomeza kubikururukaho, kuri, akabyihambiraho hano: "Turi Abametodiste. Turi Ababatisita." Turi Abakristo gusa. Reka bigume bitye, mubohoke.

258 Noneho, murebe imbuto z'inzoka? Ni iki umugore nk'uriya yakuramo? Ni iki byamumarira? Ni iki? Barakomeje, babigarukaho. Basubije Ababatisita inyuma, basubiza Abametodiste inyuma, basubiza inyuma Abaperesipiteriyeni. Bari gukora iki? Bose basubiye inyuma, nka ba mama babo, indaya zishaje. Ni ho bose bari, bakora uburaya bumwe. "Ni byiza, ntacyo bihindura. Basutsweho amazi. Baraminjagiwe. Bo, baraje, baratura. Bafashe amezi atandatu yo kwirinda ibibujijwe; ntibanyweye cyane muri kiriya gihe, n'ibindi. Bagize abanyamuryango beza. Bishyuye neza ku. . ." Yoo, mbega! Ibyo ntaho bihuriye n'imbuto z'Umwuka.

259 Imbuto z'Umwuka ni "ukwizera," kwizera Yesu Kristo ko uko yari ejo, ari ko ari uyu muni, n'iteka ryose; "urukundo" rwa kivandimwe; "umunezero, amahoro, kubabazwa, ubugwaneza, ubwiyoroshye, kwihangana, kwicisha bugufi, ubwitonzi." Ibyo ni ibintu, imbuto z'Umwuka.

260 Dufata umuntu, "Ni byo, a—abanye neza n'abaturanyi." Esawu na we ni ko yabigenje.

261 Esawu nta muntu yigeze agirira nabi, kandi Esawu yari uwa satani; ariko Yakobo, baturuka mu nda imwe, yakomokaga ku Mana. Imbuto ya satani; Imbuto y'umugore, Imbuto y'Imana iraza.

262 Noneho, murabona, byose ni ho biganisha, ni iki gisigaye ku isi muri iki gihe? Ngiye kuvuga kuri ibi mu buryo

bukaze by'ukuri, mujyane ibi, maze tuzatangire ububutse nyuma y'ibi, mu materaniro y'ubutaha. Byahawe ishusho. Kandi, nyamuneka, simvuze ibi bitejejwe. Simvuze ko ari icyo bisobanuye. Byashyizwe ahantu, mu gatsiko kanini, k'amadini y'abana batemewe n'amategeko, ibivume. Hano hari amagambo yanjye asoza. Ibyo ni byo rwose biganishaho. Muzi ko ibyo ari ukuri. Byageze ahantu kugeza igihe abayoboka-torero n'abanye-torero, "Bafite uburyo bwo kubaha Imana, bahakana Imbaraga zayo," kugeza bigeze ku gatsiko k'abanyamadini, abana b'ibivume. Uko ni ko biri neza neza.

²⁶³ Ni iki gikurikiyeho? Hari intwari za roketi zirindiriye aho, inyirishyamba muri zo, ibisasu bya cobaliti n'ibindi byose. Zirindiriye gusa ko ya saha igera. Kandi hazabaho kurimburwa n'umuriro, nk'uko byari bimeze ku kurimburwa n'amazi.

²⁶⁴ Kandi, nshuti, ibyo mukora byose, niba muri Abakristo kandi mufite Imana mu mutima wanyu, mukaba muzi ko mwavuye mu rupfu mujya mu buzima, mugomba kuba abantu bishimye kw'isi yose.

²⁶⁵ Iyo Umwuka Wera muri mwe... Iyo Bibiliya ivuga iti: "Yesu Kristo uko yari ejo, ni ko ari uyu muni, n'iteka ryose": amadini yo aravugaga ati: "Ariko twizera ko ibitangaza cyararangiyeho"; Umwuka Wera wo uravugaga uti: "Amina, Yesu Kristo uko yari ejo, ni ko ari uyu muni, n'iteka ryose. Ni ko biri."

²⁶⁶ Niba Bibiliya ivuga iti: "Nimwihane, kandi mubabwirizwe buri wese muri mwe mu Izina rya Yesu Kristo kugira ngo mubabwirizwe ibyaha byanyu, mubone guhabwa Umwuka Wera. Kuko isezerano ari iryanyu, hamwe n'abana banyu, no ku banyamahanga, abari kure bese, abazahamagarwa n'Umwami Imana yacu..." (Nk'uko Uwiteka Imana yacu izahamagara, nimurebe, ntabwo ari benshi nk'uko Abametodiste bahamagara, Abababwirizaga bahamagara, ariko nk'uko abo Uwiteka Imana yacu izahamagara, bazakira uyu Mwuka Wera, kandi bababwirizwe mu Izina rya Yesu Kristo, ni byo Bibiliya ivugaga): iyo ibyo bigukozeho ku mutima, uravugaga uti: "Amina!"

²⁶⁷ Itorero riravugaga riti, "Yego, ntacyo bihindurira."

²⁶⁸ Ariko uyu Mwuka Wera muri wowe uzavugaga ati: "amina" ku Ijambo Ryayo.

²⁶⁹ "Umuntu ntazatangira n'umugati gusa, ahubwo azatangira n'Ijambo riva mu kanwa k'Imana." Aho ni ko bimeze.

²⁷⁰ Ndashakira ko munyereka Ibyanditswe bimwe aho byigeze bivugaga ko urubuto rwa pome ari rwo rwatangiyeho ibintu biriho ubu. Ndashakira ko munyereka ko bariye pome. Naberetse ko aho Kayini yatekereje ikintu kimwe, n'aho uruburyo rwe rugitekereza nk'ibyo.

²⁷¹ Ariko ugushishurirwa k'umwuka w'Imana kurabyerekana, gukoresheje Bibiliya, ko ari imibonano mpuzabitsina hagati

y'umugabo n'umugore, mu buryo butemewe. Aho ni ho ibihangange byawe byaturutse. Aho ni ho icyaha cyawe cyaturutse. Aho ni ho ruswa yawe ituruka. Aho ni ho ituruka.

²⁷² Noneho icyitonderwa muri ibyo byose iyi—iyi, nimurebe, i—inzoka yari ifite ubwenge bwikubye kabiri. Urubyaro rwayo rwahoze rufite ubwenge bwikubye kabiri. Kandi ndashaka kuzamuka kuri iki gicaniro ngafata iyi mikoro mu ntoki, maze ngashyira ibirenge byanyije kuri iki gicaniro, hanyuma nkavuga ibingibi. None se, uyu muni, abanyabwenge bawe bakomeye bari he? Pasiteri wawe yaramanutse maze agira ubumenyi bwinshi, nuko arahaguruka; ni umushumba w'amatorero manini ariho mu gihugu, n'ibindi nk'ibyo. Urubyaro rw'inzoka ruhagaze he? Ahantu h'ubwenge nk'aho; abanyabwenge, abahanga mu by'ubwenge. Nguko uko bimeze. Aho ni ho rucungiyeye.

²⁷³ “Ntabwo ari imbaraga, ntabwo ari ubushobozi, ahubwo ni Umwuka Wanjye, ni ko Uwiteka avuga.” Murareba? Ngaho aho muri . . .

²⁷⁴ Noneho mufate mwene data uhagaze ku mfuruka, arira mu maso ye, kandi birashoboka ko ahagaze hariya acuranga gitari ishaje, agira ati: “Mwene Data, ngwino, shaka Uwiteka!”

²⁷⁵ Pasiteri anyura hariya, akavuga ati: “Huh! Mbese iteraniro ryanjye ntabwo . . . Kubera iki, ntabwo nifatanya nabo, ntabwo nareka ibyanjye . . . ntabwo nareka Liddy na Johnny ngo bambone ahantu nka hariya.” Mukomeze, rubyarw rwa satani, mwerekeza aho mweganyirijwe Iteka, uko byagenda kose. Ni byo. Nari gushobora kuvuga irindi jambo, nkavuga nti: “abana b'umubi,” kandi ibyo ni hafi neza y'aho bigeze. Kubera ko, murabona, mwebwe . . .

²⁷⁶ “Nta muntu ushobora kugera Iwanjye cyeretse Data amuzanye. Kandi abaza Iwanjye bose, nzabazura ku muni wa nyuma. Nta kintu nzatakaza na kimwe. Ndabifite. Nzabigumana. Nta muntu n'umwe ushobora kubikora, usibye Ibi.”

²⁷⁷ Byose biri muri We. Ntimushobora kuvuga ngo: “Hari icyo nakoze.” Ni ubuntu bw'Imana bwabikoze byose. Ntacyo nakoze. Sinigeze ngira icyo nkora; nta na rimwe, nta na rimwe. Ntabwo wigeze ugira ikigukwiriye na kimwe. Imana yakoze buri kintu cyose. Ntabwo wigeze uhindura urutoki rwawe cyangwa igice kimwe cyarwo. Ntabwo wigeze uvuga uti: “Ni byiza, mvuye mu murungu mwiza. Nakoze *ibi*.” Ibyo ntacyo bimaze. Imana ni Yo Yabikoze; Imbabazi z'Imana.

²⁷⁸ Mumbabarire nonaha, saa tanu ntiziragera, ariko ngiye gufunga, uko byagenda kose. Murareba?

²⁷⁹ Ni bangahe bumva ko Bibiliya ivuga ukuri kuri ibyo bintu? Mwebwe bantu bo mu rusengero rwa Branham, by'umwihariko. Noneho, ibyo ni nka kimwe cya cumi na gatandatu cy'ibyo twigisha kandi twizera. Ariko, nimwibuke, mwebwe abari hano,

ndashaka kuvuga ibi, mwe abaza hano batari abanyamuryango. Uburyo twemera ibi, ni uko *Iyi* ari Bibiliya, kandi Bibiliya ni Ukuri kw’Imana.

²⁸⁰ Kandi twizera, ko, mu Isezerano rya Kera, ubu, bari bafite uburyo bwo kumenya ibyabaga ari ukuri n’ibitabaga ari ukuri.

²⁸¹ Noneho, twese tuzi ko bari bafite amategeko yanditse. Ni bangahe babizi? Amategeko, a—amategeko yari mu nkuge, n’ibindi; byose, ni byo, n’amabwiriza ku mategeko. Ati: “Ntugasambane. Uwo ari we wese ufashwe asambana yaterwaga amabuye.” Murareba? Iryo ryari i—itegeko, n’ibwiriza rijyanye n’itegeko. Inkuge yari iteretse nka *gutya*; amategeko nayo yari arimo aho ngaho, kandi amabwiriza y’amategeko yari mu mifuka ku ruhande rw’inkuge. Niba umuntu amanutse hano, yasambanye; yageraga hano akabona ibyo amategeko avuga, “kumutera amabuye.” Bamujyanaga hanze bakamutera amabuye. Ni yo mabwiriza yari ku itegeko.

²⁸² Noneho bari bafite ubundi buryo bubiri bwo kubimenya. Habaga hariho gihamya eshatu, zibyemeza. Bari bafite ubundi buryo bwo kubimenya, kandi ibyo byabaga ari iby’umuhanuzi cyangwa se binyuriye mu inzozu. Ni bangahe babizi? “Niba hari umwe muri mwe ufite iby’umwuka, cyangwa umuhanuzi, Jyewe Uwiteka nzamwimenyekanisha mu nzozi, kandi mvugane na we mu iyerekwa.” Ni byo. Noneho, yari umuhanuzi.

²⁸³ Noneho, niba umuntu aje hafi, avuga ati: “Oh, Haleluya, narabibonye! Ndimo guhanura ubu mw’Izina ry’Umwami. Mfite ihishurirwa.” Ntabwo baretse ngo bigende gutya, nk’uko abantu mubikora. Babisuzumiye ku Mana, mbere na mbere.

²⁸⁴ Noneho, ku gituza cya Aroni bari bafite icyo bise Urimu Tumimu. Ni bangahe bigeze bumva iryo jambo? Cyari igiki? Yari amabuye cumi n’abiri, atandatu kuri buri ruhande, ya ba sokuruza cumi na babiri; yasipi, Yuda, n’ibindi, no hepfo, amabuye cumi n’abiri. Hanyuma bafataga uyu muhanuzi, cyangwa uwarose inzozu, hanyuma bakayamuhambira ku gituza, noneho bakamuhagarara imbere. Bakavuga bati: “Noneho ugiye guhanura no kuvuga ubuhanuzi bwawe.”

“Umwami yaramvugishije maze ambwira bimwe—ibintu bimwe.”

²⁸⁵ Nubwo byasaga nk’aho ari ukuri, bishoboraga kuba byumvikana nk’ukuri rwose; ariko niba amatara atatse hamwe ngo akore ibara ry’umukororombya hakurya, Urimu Tumimu, ayo matara yakira icyarimwe, agatanga urumuri rudasanze, kubwo kubyemeza. Murareba, Imana yakomeje kwemeza Ijambo Ryayo. Murareba? Kandi urwo rumuri ndengakamere niba rudakongejwe, ntibyitabwagaho uko byabaga bisa n’ukuri kose, byabaga atari byo.

²⁸⁶ Niba uwarose inzozu avuze ati: “Narose inzozu, kandi inzozu ziravuze, ngo: ‘Isiraheli igomba kwimuka ikajya ahanu runaka,

'kubera ko Abanyasiriya bagiye kwinjira kuri *uru* ruhande no kurugota.'" Bajyanaga uwo warose inzozu; akavuga inzozu ze. Niba itara ridacanye, yabaga yibeshye, hatitawe ku uko byagenda kose... Niba Abanyasiriya bari basanzwe bicaye ku rugamba aho ngaho, yabaga yibeshye. Oya, mugenzi. Ni ukuri, byagombaga kugaragazwa na Urimu Tumimu.

²⁸⁷ Noneho abantu bose bazi ko ubutambyi bwa kera bwagenze, burangiye, Urimu Tumimu yarabujyanye. Turabizi, si byo?

²⁸⁸ Maze ubutambyi bushya burinjira. Ni ibiki? Dufite Urimu Tumimu uyu muni? Yego mugenzi. Ijambo ry'Imana! Yego mugenzi. *Ibi* ni byo. Niba hari umuntu ufite ihishurirwa iryo ari ryo ryose, cyangwa avuga ikintu, cyangwa inyigisho iryo ari yo yose idahuye kandi hamwe... no guhangana n'iyi Bibiliya, mu byanditswe Byera byose, aribeshya. Ntitaye ku idini iryo ari ryo ryose arimo, uko ari mwiza, uko afite ubwenge, uko yize; aribeshya.

²⁸⁹ Kandi umuntu wese nakubwira ibi bintu, ibyo twigishije hano mw'itorero nonaha, hanyuma akakubwira, ngo: "Niba waminjagiwe, ni byiza," arakubeshya. Ibyo ntibizamurika kuri Urimu Tumimu. Iyo akubwiye, ngo: "Gusukwaho amazi ni byiza," aba yakubeshye. Arakubwira ngo: "Kubatzwa mw'izina rya 'Data, Umwana, Umwuka Wera,' ni byiza," arakubeshya. Niba akubwiye ngo: "Iminsi y'ibitangaza yararangiye," arakubeshya. Niba akubwiye ngo: "Ni byiza ko abagore babwiriza," arakubeshya. Niba akubwiye ati: "Ni byiza ko ujya imbere ugakomera kw'idini ryawe," arakubeshya. Ntabwo bizamurika kuri Urimu Tumimu. Kandi ibintu bigera kuri cumi na bibiri bituruka, muri iryo rishaje "NYINA WA BA MARAYA," hanyuma rikagera hepfo aho, kandi ni yo mpamvu twirinda amadini.

²⁹⁰ Dukunda abavandimwe bacu bari muri ayo madini. Ariko ntuzagenda, uvuga uti: "Ndi Umumetodiste," ibyo ntibyakugira Umukristo, kuri nje. Uri Umukristo kuko wabyawe n'Umwuka w'Imana. Ntugomba kuba Umumetodiste cyangwa Umubatisita. Ntugomba kuba umwe muri abo. Ugomba kuvuka kubw'Umwuka w'Imana. Urabyemera?

²⁹¹ Hashingiwe kuri ibyo, niba hari umuntu uri hano ushaka gufatanya no kuza mu busabane muri iri teraniro, kandi akaba ashaka kuba—ashaka kwibizwa, kubatzwa mw'izina rya Yesu Kristo, dore ikidendezi kirahari. Bagiye kubatiza, mu munota umwe gusa.

²⁹² Niba hari, benshi hano, hari umuntu ushaka kuza, mu yindi nzira? Turi hano. Ni byo.

²⁹³ Noneho, nta—nta bunyamuryango dufite; wowe uze hano muri iri torero. Twizera ko Kristo ari mu itorero rya Metodiste, itorero ry'Ababatisita, itorero rya Peresibiteriyeni. Afite abanyamuryango muri buri torero. Kandi ikibuze, uyu muni;

ni ubuhanuzi bw'ibinyoma buzana ibyo bintu, inyigisho z'ayo matorero, ziba zinyuranyije rwose na Bibiliya.

²⁹⁴ Noneho, nihagira umuntu ubisobanura neza, rwose nabona ubwanjye. . . Nizera ko hariho Umwuka w'Imana uhagije muri njye, gushakisha muri iyo Bibiliya nkabizana nkabigira ukuri. Niba narazamutse gusa ngahana ikiganza n'umubwiriza, nuko ngashyira izina ryanjye ku gitabo, maze ngakomeza kugira urwango n'ubugome mu mutima wanjye, kandi ngifite ishyari n'amakimbirane, ngahakana ko Yesu Kristo ari Umuvuzi ukomeye, n'ibindi nk'ibyo, Nagenda nkikiranura n'Imana, vuba vuba. Ndizera ko nabikora. Na—naba mbaye inyangamugayo ku byerekeye ibyo. Nagendana neza neza n'Imana. Niba nari nziritse gusa kuko nari Umubatisita cyangwa Umumetodiste, namanuka nkabona Ubukristo mu mutima wanjye. Nabikora. Yego mugenzi.

²⁹⁵ Noneho mwibuke ububytse buzaza, buzatangira, Uwiteka nabishaka, mw'ijoro ry'uyu wagatatu utaha. Bishingiye kuri ibyo.

²⁹⁶ Mwumve, nshuti, hariho Imana y'ukuri kandi nzima. Ni byo. Yesu Kristo ni Umwana w'Imana. Umwuka Wera ari mu Itorero uyu muni.

²⁹⁷ Noneho, niba mfite umuntu wambwira ibyo, nagira uburenganzira bwo kubishidikanyaho. Ariko, mutege amatwi. Umuni umwe mu gihe gishize, nk'umuhungu muto, nari mpagaze muni y'igiti; naramubonye. Naramwumvise. Yarambwiye, ati, "Witondere abagore babi. Wirinde isegereti. Wirinde gutukana, kunywa inzoga, n'ibindi byose. Nakubonye akazi ko gukora nukura." Nzi ko Ari iy'ukuri, Imana nzima ihagarara kw'Ijambo Ryayo.

²⁹⁸ Igihe nari maze gukura gato, uko nahuye na We, uko Yambwiye! Uko namubonye nyuma, nk'igihuru cyaka, kandi uwo Muriro uzenguruka ahongaho! Uko We namubonye avuga ambwira neza ibizaba; kandi, buri gihe, ikubita neza nk'uko bishoboka, itunganye nk'uko.

²⁹⁹ Wawundi uvuga bintu bitunganye nk'ibyo, ni Umwe Umpamagarira kwigisha iyi Bibiliya neza nk'uko nyigisha. Ni byo. Rero, bituruka ku Mana. Kuri njye, ni Imana Ishoborabyose, kandi uko yari ejo, ni ko iri uyu muni, n'iteka ryose.

³⁰⁰ Yesu yaravuze ati: "Nkomoka kuri Data, kandi ngiye kwa Data." Igihe yazaga. . .

³⁰¹ Igihe yari Imana mu butayu, Yari Umucyo waka. Ni bangahe babizi? Yari Umucyo waka, Inkingi y'Umuriro.

³⁰² Aje hano ku isi, Yaravuze ati: "Nakomotse kuri Data, kandi ngiye. . . Nkomoka ku Mana, kandi nsubiye ku Mana."

³⁰³ Igihe Yapfaga, agahambwa, akongera akazuka, nuko akongera agahurira na Pawulo mu nzira yerekeza i Damasiko

yongeye guhura na We, Yari iki? Yari akiri Inkingi y'Umuriro. Yego, mugenzi.

³⁰⁴ Yakoze iki igihe Yari hano ku isi? Yakoze iki igihe yahuraga na Pawulo? Yamutumye ngo iki? Yamutumye ku muhanuzi amubwira uko yabatizwa, amubwira icyo gukora; amurambikaho ibiganza aramukiza, amubwira ko yabonye iyerekwa.

³⁰⁵ Uwo Yesu ari hano uyu muni, akora ibyo yakoraga, kandi aracyari Inkingi y'Umuriro, yigisha ibintu bimwe, kandi akabihamirisha Ijambo Rye, n'ibimenyetso n'ibitangaza. Nishimiye cyane kuba Umukristo, sinzi icyo nakora. Nishimiye ko muri Abakristo.

³⁰⁶ Namwe, teraniro rya hano, nababwiye ko tugiye guhindura izina ry'uru rusengero. Ntabwo bikwiye ko biba Urusenegero rwa Branham. Uyu ni umuntu gusa, murareba. Tugiye guhindura izina ryarwo, dukore irindi zina. Tuzabigeraho, nyuma y'igihe gito. Ndashaka ko biba i—itorero ry'Imana nzima. Sinshaka ko biba Metodisite, Batisita, Peresibiteriyeni, Pentekote. Njye. . .

³⁰⁷ Abo bantu bose, ndabakunda n'umutima wanjye wose. Sinzi uyu n'uyu uwo ari we. Sinshobora kubibabwira. Ngomba kubwiriza Ijambo gusa. Nkanaga urushundura nkarukurura. Harimo ibikeri, ndetse harimo ibitagangurirwa byo mu mazi, harimo n'inzoka, ndetse n'amafi, nayo. Ibyo ni Imana ibifataho umwanzuro. Gusa nkurura urushundura, gusa mbwiriza Ijambo nkarukurura, nkavuga nti: "Hano ni ho bari, Mwami, hirya no hino ku gicaniro. Uzi Abawe; Wabamenye uhereye ku rufatiro. Sinamenya uyu n'uyu. Ni wowe ubazi, birakureba rero, Mwami. Ibyo ni byo byiza nshoboye gukora. Nzava hano njye n'ahandi hantu, maze nshake irindi tsinda. Ibyo ni byo nshoboye gukora." Ni byo.

Yoo, ndumva nshaka gukora urugendo,
Numva nshaka gukora urugendo;
Inzu yanjye yo mu Ijuru irarabagirana kandi ni
nziza,
Kandi ndumva nshaka gukora urugendo.

³⁰⁸ Noneho mwibuke, umuntu wese arashaka ko muha gahunda, muhamagare gusa Bwana Mercier hano: BUTler 2-1519. [Inomero ya terefone yarahinduwe—Ubwanditsi.] Tuzishimira kukubona. Niba abakunzi bawe binjiye, ugomba kwihuta mu gihe cy'ububuyutse. . . Ubu ndagiye, guhera iri joro, njye mu byanjye, maze ngende iminsi ibiri noneho, ndi mu byanjye.

³⁰⁹ Gusa ninjire hariya njye kwiga, nka gutya, "Uwiteka, Uri hafi yanjye. Nzi ko Uri hano. Kandi Ijambo Ryawe rivuga ko Uzegera abakwegera." Nkomeje gusenga no kwitegereza kugeza mbonye ko Inkingi y'Umuriro itangiye kugenda. Nzi ko yiteguye ubwo. Ubu ninjiye ku murimo wo gukiza indwara, gusenga, no gukora uko nshoboye kugira ngo mfashe abarwayi n'abababaye.

310 Turashimira ineza yawe yose nonaha. Kandi nuza, uze utwizeza, kandi turateganya kugira amateraniryo meza. Ndashaka kubivuga...

311 Mwene Data Jeffries, ari hano muri iri joro? Turashaka gushimira mwene Data Jeffries n'akazi ke. Nakeka ko yasubiye mu birwa, n'ibindi.

312 Nishimiye kubona Mwene Data na Mushiki wacu Wright, n'abandi benshi muri mwebwe muri hano.

313 Kandi nabonye umunyamategeko Robertson hano, hashize igihe, aherutse hano kera. Nashakaga kumushimira ku—ku butumwa bwe yagize ejobundi. Nta muntu n'umwe wavuze uwo ari we. Byari biteye isoni. Yari afite ubutumwa bwiza rwose ku buhanuzi, ikintu nk'icyo nabwirizaga iryo joro.

314 Kandi rero, hari hari undi mukazi w'Imana hano muri iki gitondo, cyangwa mw'ijoro ryakeye, mwene Data Smith, uturutse mu itorero rya Metodiste... cyangwa utututse mu Itorero ry'Imana, hejuru hano. Sinzi niba ari hano muri iri joro, cyangwa adahari. Niba hari igihe uhagarara kuri iki gicaniro hanyuma ukareba inyuma muri ubwo buryo, biragoye kubivuga; birasa, urabona, kandi ntushobora kubivuga. Niba uri hano, mwene Data Smith, turagushimiye.

315 Kandi ibi ntabwo ari byo, wicaye hano, uyu mwene Data muto muto wo muri Jeworujya, yicaye inyuma hano iruhande rwa mwene Data Collins? [Mwene Data Neville aravugaga ati: "Yego."—Ubwanditsi.] Nishimiye kongera kukubona hano iri joro, mwene Data.

316 Namwe mwese, mwese, buri wese azi uwo uri we.

317 Nizera ko uyu ari mushiki wacu na mwene Data hano bagiye gusengera umwana w'umukobwa cya gihe, hano, hari umuganga wicaye hano ku ruhande. Uwiteka aguhe umugisha, muganga.

318 Noneho, nyamuneka ntimunyumve nabi, mwa bavandimwe mwe, kubera ko ibi mbiyobora mu buryo bukaze uko nshoboye kose. Uru ni urusengero rwacu. Ni rwo twishingikiriye, kandi turashaka kurujyanisha n'iryo Jambo, maze tukabanyeganyezza ari Ryo dukoresheje. Noneho, niba mutavuye ku murongo, tugiye kugaruka maze tuvuge tuti: "Mwari mubizi neza. Biri hano kuri kaseti." Murareba? Ni ko bimeze. "Biri hano kuri kaseti."

319 Twabonye byinshi byuzuye bigomba kujyaho, Leo. Ariko, ariko twe... Murabifite byinshi. Ibyo mubigumane, kandi tuzabona n'ibisigaye Byabyo nyuma y'igihe gito. Nk'uko umugabo yari arimo, kurya wota meloni, akavugaga ati: "Yari iryoshye rwose, ariko hariho n'ibindi biyirusha." Twabonye rero byinshi muri byo, nyamara, biraza.

320 Uwiteka aguhe umugisha, ibyiza nyabyo ubu. Mu gihe twe... Tugiye kugira umurimo wo kubatiza nonaha. Ni byo, Mwene Data Neville? [Mwene Data Neville aravugaga ati:

“Yego, ndabyizera.”—Ubwanditsi.] Hano hari umuntu ugomba kubatizwa nonaha? Ntabwo dushishikajwe no kumenya uwo uri we; turi—turi hano kubwo kubatiza. Zamura ibiganza byawe, bamwe bagombaga kubatizwa. Umuntu, ndizera ko yari u... Hano hari umudamu. None se haba hari undi muntu? Noneho, twabonye imyenda hano y'abagabo n'iy'abagore.

³²¹ Noneho, ntabwo tuvuze ngo: “Va mu itorero ry'Ababatisita. Va mu itorero ry'Abametodiste.” Ntabwo ari ko tuvuze. Urasubira mu itorero ryawe. Ariko niba utarabatiye ukurikije Ibyanditswe, mw'Izina ry'Umwami Yesu... Ntabwo ari mu Izina rya “Yesu” gusa, ubu. Ni mu Izina ry' “Umwami Yesu Kristo,” ibyo ni Ibyanditswe Byera. Wabatiye nabi.

³²² Sinshaka ko nza kugira ikibazo ngeze ku ruzi. Ndashaka ibintu byose bisobanutse nk'uko nzi uburyo, iyo mfashe iyo tike, murareba, 'Kubera ko nshaka kwinjira muri biriya bihe. Namwe ndabagira inama yo kubikora.

³²³ Subira mu itorero ryawe. Ibyo biri, hagati yawe n'Imana. Ibyo ni byo gusa nakubwira.

³²⁴ Ariko nta muntu n'umwe mu Byanditswe wigeze abatizwa mu bundi buryo usibye Izina rya “Umwami Yesu Kristo.” Kandi bariya babatiye, bategekwa na Mutagatifu Pawulo, wavuze ati: “N'iyi yaba Malayika akabwiriza ikindi kintu icyo ari cyo cyose, avumwe.” Yabategetse kuza no kubatizwa, na none, mw'Izina ry' “Umwami Yesu Kristo.” Ni byo. Kandi yarabikoze. Kandi ibyo yakoze, natwe yadutegetse kubikora; ibyo ni byo tuzakora, Imana nibishaka.

Twizera kozanya ibirenge. Twizera ugasangira.

³²⁵ Twizera Ukuza kwa kabiri kwa Kristo, Umubili ugaragara, umubiri ufatika w'Umwami; ntabwo ari Umwuka, ahubwo ni umubiri ufatika w'Umwami Yesu uzagaruka mu bwiza.

³²⁶ Twizera izuka ry'umubiri ry'abapfuye, kwakira umubiri, udashaje kandi udafite iminkanyari iyo tujya mu mva; ariko umubiri mushya, mu byishimo by'ubuto, ukabaho iteka.

³²⁷ Twizera ukudapfa k'ubugingo, rwose. Twizera ko hariho uburyo bumwe gusa bw'ubugingo buhoraho, ndetse n'ubuzima ukura kuri Kristo Yesu. Ni byo rwose.

³²⁸ Kubw'ibyo, ntabwo twemera igihano cy'iteka. Twizera umuriro w'ikuzimu, umuriro w'amazuku, ariko ntitwemera ko waka ubuziraherezo; niba ari uko bimeze, mufite Ubugingo buhoraho. Hariho Ubuzima bumwe bw'Iteka; Ubwo buva ku Mana. Kandi ni byo. Muzatwikwa, ahari imyaka miriyoni, imyaka miliyoni icumi, simbizi, ariko ntimushobora kugira Ubugingo buhoraho. Ntushobora gutwikwa ubuziraherezo... Ushobora gutwika ubuziraherezo, ariko si Ibihe bidashira. Murareba, hari itandukaniro hagati y'Ibihe bidashira n'ubuziraherezo. *Iteka ryose* ni iteka n'iteka ryose, akajambo

gahuza, gasobanura u “umwanya w’igihe.” Ariko, Iteka, ntabwo uba ufite igihano cy’iteka.

³²⁹ Uba ufite Ubugingo Buhoraho, ’kubera ko hariho uburyo bumwe gusa bw’ubugingo buhoraho. Kandi ufite Ubugingo bw’Iteka, abaho kandi ahawe imigisha y’Imana iteka ryose.

³³⁰ “Ariko ubugingo bukora bucumura, ubwo bugingo ni bwo bu...” Buzamera bute? [Itorero rivavaga riti: “Buzapfa.”—Ubwanditsi.] Ibyo ni byo. Noneho, ntabwo bufite Ubugingo Buhoraho. Mu by’ukuri. Bufite—bufite igihano cyayo, ariko ntabwo ari Ubugingo buhoraho.

³³¹ Noneho, murabona, hari ibintu byinshi bitarigishwa, tuzabona nyuma. Umwami abahe umugisha.

³³² Noneho reka turirimbe iyi ndirimbo nziza ya kera, mu gihe mushiki wacu arimo kujyayo. Ndizera ko uyu mudamu hano ashobora...

³³³ Rosella, uwo ni mama wawe? [Mushiki wacu Rosella aravugaga ati: “Yego.”—Ubwanditsi.] Kubera iki, ihe umugisha umutima wawe! Nishimiye kukubona, mushiki wacu, ukora ibyo. Ni byiza cyane.

³³⁴ Rosella Griffin, umwe mu nshuti nziza ntoya twagize. Ni umukobwa ukiri muto wari umusinzi; kuri bamwe muri mwebwe abantu hano, ashobora kuba umunyamahanga. Rosella ntanyitaho iyo avugaga ibyo. Iyo ageze kuri rubuga hejuru hariya muri—hehe... hano muri Indiana. Wigeze ubona ishyamba, yari umwe muri bo, umusinzi wuzuye. Aho, abaganga bane bakomeye b’i Chicago bavuye ko ari... Umusinzi Kabuhariwe, n’ibindi byose, baramutse. Ariko ijoro rimwe, ubwo yinjiraga mu materaniro, Umwuka Wera yafunguye ubuzima bwe amubwirira ahongaho. Ibyo byarabikemuye.

³³⁵ Mumurebe ubu, ndakeka, ku myaka mirongo itatu-irenga, agaragara nk’ufite cumi n’umunani; uw’igikundiye, umugore muto mwiza. Kuva ubwo ntiyongeye gusogongera kuri whisky; ntukayifuze. Baho muri Kristo, uzenguruke mu mihanda, ahantu hose, uhamba icyubahirira cy’Imana, ku banyabyaha n’abasinzi, byose binyuze ku mirongo inyerera, n’ibindi byose, unyuze muri Chicago, kugira icyo ukorera Umwami.

³³⁶ Yabatijwe mu Izina ry’Umwami Yesu, na nyina araza muri iri joro kubikora; niba Imana ishobora kumukiza, iyaba Yesu yashoboraga kumukiza... “Ibyo ukora byose mu magambo cyangwa mu bikorwa, byose ubikore mw’Izina rya...” [Itorero rivavaga riti: “Yesu Kristo.”—Ubwanditsi.] Ni byo Bibiliya ivuga. Ni byo.

³³⁷ Ni byiza, ubu tugiye kugira umurimo wo kubatiza. Tugiye kuzimya amatara mu minota mike gusa mu gihe twitegura umurimo, wo kubatiza, kandi—hanyuma tuzategereza ibihe byiza mu Mwami.

³³⁸ Ugiye gukora neza umurimo wo kubatiza muri iri joro? Ni byiza, ukoze neza u—ugize neza kwitegura. Kandi ngiye gutangira, Ndayobora indirimbo n'ibindi mu gihe tugikomeje gahunda. Mu gihe barimo gukora...[Mwene Data Neville aravuga ati: “Hano hari imyenda yagarutse hano, Doc?”—Ubwanditsi.] Imyenda y'umubatizo, Doc, banguka. Byose ni byiza.

³³⁹ Reka turirimbe kimwe gusa muri ibyo byiza ol'...[Ahantu hatagaragara kuri kaseti—Ubwanditsi.]

³⁴⁰ Kandi mu gihe tugitegereje, nitugenda, tugomba gukora iki?

Fata Izina rya Yesu urikomeze,
Wikubite imbere y'ibirenge Bye,
Umwami w'abami uri mu Ijuru,
tuzamwambika ikamba,
Ubwo tuzaba dusoje urugendo.

Ni byo, kugeze ku musozo w'urugendo.

Fata Izina rya Yesu urikomeze,
Mwana w'akababaro n'agahinda;
Bizagutera umunezero no guhumurizwa,

³⁴¹ Nzakubwira icyo ukwiye gukora. Hindukirira iburyo hanyuma uhane ibiganza na mugenzi wawe uhari, hanyuma uvuge uti: “Umeze ute, mwene Data? Nzi neza ko nishimiye kuba muri iki gikorwa hamwe nawe.”

Izina ry'igicro, Yoo mbega uburyohe!
...ni ibyishimo byo mu Ijuru;
Izina ry'igicro, (Izina ry'Igicro!) O... 

58-0928^E Urubyaro rw'Inzoka
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org